UMUSEMBURO W'UBUSABANE

AKANYAMAKURU KA DIYOSEZI YA NYUNDO

N° 35 NYAKANGA –UKUBOZA 2011

COMITE DE REDACTION

1. Myr. J.M.V.NSENGUMUREMYI
2. Padiri Fabien RWAKAREKE
3. Padiri Vincent HARORIMANA
4. Bwana Alexis KAYITSINGA
5. Bwana Eleuthère NSENGIYUMVA
6. Bwana Didace MUSEBYUKUNDI
7. Bwana Jean TWAHIRWA
8. Madamu Françoise BAMURANGE

I K I G U Z I

Aka Kanyamakuru kazajya kandikwa KANE mu mwaka

Numero imwe : 150 Frw
Ku mwaka : 600 Frw
Mu mahanga : 1500 Frw

Ushaka gufasha azibwirize

Imprimé par Pallotti-Presse en Janvier 2012

IBIRI MURI AKA GATABO

1. Ijambo ry'ibanze
Padiri Fabiyani RWAKAREKE
2. Ibaruwa Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yageneye umunsi wo gusoza umwaka wa cumi, nyuma y'itangazwa ry'imyanzuro ya Sinodi idasanzwe
3. Ubutumwa bwa Papa Benedicto XVI : Porta Fidei, butangaza umwaka w'ukwemera
Ubwanditsi
4. Abatagatifu n'amashusho bifite uwuhe mwanya mu kwemera kw'abakristu
Padiri Yohani Damaseni BIZIMANA
5. Ese byose mbifitiye uburenganzira ?
Fratri René Claude HAKIZIMANA
6. Aho imfura zisezeranye ihatanze indi irahaborera
Fratri René Claude HAKIZIMANA
7. Itangizwa rya paruwasi nshya ya Kabaya
Régine UWAMAHORO
8. Tumenye bimwe mu bikorerwa mu Nyakibanda
Fratri Faustin HABIMANA
9. Seminari nkuru ya Nyakibanda mu myiteguro yo kwizihiza Yubile y'imyaka 75 imaze ishinzwe
Komisiyo ishinzwe itumanaho mu itegurwa rya Yubile ya Seminari nkuru
10. Tumenye amavu n'amavuko ya paruwasi ya Kinunu , Centrale Remera, ndetse na bamwe mu Bakurambere / *Padiri Léonidas NGARUKIYINTWARI*
11. Yaje yitwaje inkota ityaye amugi yombi
Jérôme GAKWAYA
12. Ibirori by'impurirane muri paruwasi yitiriwe Nyina wa Jambo
Fratri Faustin HABIMANA
13. Reka dusingize Iyaduhanze
Jeannette MUKARUSENGO
14. Udukuru two hirya no hino
Françoise BAMURANGE

IJAMBO RY'IBANZE

Imihigo yacu izira gucogora

Ku itariki ya 19 Ugushyingo 2011 Papa Benedicto XVI ari mu Gihugu cya Bénin, yatangaje urwandiko rushishikariza abakristu gushyira mu bikorwa imyanzuro ya Sinodi y'Abepiskopi igenewe Afrika, yabaye kuva tariki ya 4 kugeza tariki ya 25 Ukwakira 2009. Intego yarwo yari uko Kiliziya ya Kristu iri muri Afrika yaberaho guharanira ubwiyunge, ubutabera n'amahoro. Bongeragaho aya magambo y'Ivanjili bati : « Muri umunyu w'isi ; muri urumuri rw'isi » (Mt5,13-14).

Papa atangira ubwo butumwa bwe yise *« Africae Munus* » abwira abanyafurika bose, abepiskopi, abapadiri, abadiyakoni, abiyeguriyimana, abakateshisti n'abalayiki, ko abashinze ikintu cy'agaciro gakomeye, icyo kintu kikaba kumva ko kwegurira Afrika Nyagasani Imana ari inshingano. Gushaka ko Afrika yumva ubutore bwayo, ikamenya ko Kristu ayifiteho umugambi. Ibyo bigasaba ko kubera Yezu, mu izina rya Yezu bemeye, babana neza, hose hakaganza ubwiyunge hagati y'umuntu n'undi, n'ubw'imiryango. Bityo bagateza imbere amahoro, ubutabera n'ukuri.

Papa yibutsa ko Sinodi y'Abepiskopi ya mbere igenewe Afrika yari yashyize imbere ikintu cyiza, yumvisha abanyafurika ko Kiliziya ari umuryango w'abana b'Imana. Kumva ko Kiliziya ari umuryango bitera ishyaka ryo gutekereza icyagirira abavandimwe akamaro, bikongera ubusabane mu mubano, gufashanya, kwakira undi uwo ariwe wese nta kurobanura, gushyikirana ku buryo bwose no kwizerana (Africae Munus,7).

Ibi byose bishoboka iyo umukristu azirikana iteka uwo ari we. Ushinze imizi muri Kristu, azirana n'ibidakwiranye na We. Ahora ashishoza, yateshuka agatana inzira imukwiye, akihutira kwiyunga na Kristu n'abavandimwe. Isakaramentu rya Penetensiya ribidufashamo cyane, kuko muri iryo sakaramentu Imana ubwayo, muri Yezu Kristu Umwana wayo, itwunga na Yo ikanatwunga n'abavandimwe.

Ku bakristu ba Diyosezi ya Nyundo bazirikanye imyanzuro ya Sinodi yacu idasanzwe hafi umwaka wose wa 2011, ibi byose Papa atubwira usanga twarabyiteguye. Biza bikomeza intego yacu. Iyo avuga ubuvandimwe n'ubwiyunge dusanga bitari bishya : mu miryangoremezo yacu ni byo duhora tuzirikana.

Icyakora buriya ni ijambo rya mukuru. Twumvireho ko imihigo twafashe igomba kujya mbere, **izira gucogora,** niko Umushumba wa Diyosezi yacu yabitwandikiye mu rwandiko munasanga muri aka gatabo.

Nitubaho turangamiye Kristu, isengesho riduhuriza mu rugo, mu muryangoremezo no kuri paruwasi ; ibyo kandi bikajyana no kubaho mu ukuri, twanga icyaha, dufashanya kukirwanya cyane mu gusabana imbabazi no kubabarirana, tuzashobora kuba umunyu w'isi n'urumuri rw'isi nk'uko Papa abitwibutsa.

Si mu rwandiko ruvuga Sinodi y'Abepiskopi igenewe Afrika gusa, Papa BenedictoXVI aranaturarikira umwaka w'ukwemera mu rundi rwandiko (motu proprio) rwitwa «*Porta Fidei »* : irembo ry'ukwemera.Uwo mwaka uzatangira ku **itariki ya 11 Ukwakira 2012**. Ni muri uyu mwaka dutangiye rero ujya gushira, tukazawukomeza kugeza k'umunsi wa Kristu Umwami w'undi mwaka, **tariki ya 24 Ugushyingo 2013.** Itariki yo gutangira uwo mwaka izahurirana na Yubile y'imyaka 50 y'isozwa rya Concile ya Vatican II, tunibuka ko hashize imyaka 20 Papa Yohani Pawulo II atangaje Gatigisimu ya Kiliziya Gatolika ihiniyemo iby'ingenzi umukristu akwiye kumenya no kwemera.

Birumvikana ko ibi byose bizagenda bisobanuka uko igihe kizaba cyegereje. Muri Diyosezi ya Nyundo tuzitegura uwo mwaka w'ukwemera twe twizihiza imyaka 60 Diyosezi yacu imaze ishinzwe muri 1952, ari yo ya kabiri mu Rwanda, ikaba iya mbere yashinzwe

Umwepiskopi w'umunyarwanda. Si ugukunda za Yubile, sinavuze kandi ko iyi ari Yubile ; ariko kwibuka ibyiza Imana yatugiriye ni ubupfura. Ngo hanyurwa imfura. Udashimira aba akosheje.

Muri uyu mwaka wa 2012, tuzashimira Imana ko Diyosezi yacu imaze imyaka 60, ko muri iyi myaka yaduhaye Abepiskopi bayigiriye akamaro. Ubwo tuzibukiraho ko na Musenyeri Alexis HABIYAMBERE azaba yizihiza imyaka 15 ari Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo. Umwepiskopi ni umuhuza, ni ikimenyetso cy'ubumwe muri Diyosezi. Kumusabira ni ngombwa kugira ngo ahorane imbaraga n'ubushishozi, ayobore bose kuri Kristu mu nyigisho, no mu bundi buryo bwose Roho Mutagatifu amubwiriza.

Musenyeri wacu yahawe Ubwepiskopi ku itariki ya 22 Werurwe 1997, kuri iyo tariki uyu mwaka azaba yujuje imyaka 15 ari kumwe natwe, paruwasi zose zikwiye kubizirikana, twese tukibuka gushimira Imana, kumusabira no gushyira mu ngiro ibyo adahwema kutwibutsa. Ni na yo mpamvu Umusemburo w'Ubusabane utangaje ibaruwa ye, iduha gahunda mu byiciro byinshi by'ubuzima.

Mu gushyigikira Umwepiskopi wacu tuzita cyane ku bintu agenda atugaragariza ko bimuri ku mutima igihe cyose ateruye ijambo abwira abakristu. Nta gihe yarangiza atavuze ku rubyiruko rwo mizero ya Kiliziya n'Igihugu. Atubwira kenshi kwita ku Iyobokamana, mu mashuri cyane cyane, ariko no mu bigishwa. Umuryango, urugo rurera abato rugahuza abakuru, rukaba ariyo Kiriziya remezo ; iyo Kiliziya y'iwacu imuhira yifuza ko yaba nzima, ikaba ishingiro ryo kumenya Imana no kuba abantu b'Imana.

Musenyeri aho anyura hose, ntiyibagirwa imiryangoremezo n'amatsinda y'abana mu miryangoremezo. None se ubukristu nyakuri bwagaragarira handi he, atari mbere na mbere aho dutuye, mu mubano uzira inzangano ukarangwa n'uruhurirane rw'ibikorwa by'urukundo. Uburyo nyabwo rero bwo kumushimira ni ukwakira ibyo atubwira, ni ukwemera ko Imana yamuduhaye imwereka ibikenewe akwiye kudushishikariza. Hari n'ikindi yibutsa cyane abasaserdoti, ni icyo bita mu gifaransa « *Pastorale de proximité* » : kwegera abo utumwaho, kubasanga aho baba muri santarali, mu miryangoremezo, mu miryango y'Agisiyo Gatolika, mu nama z'abakozi, aho hose wegera abantu mugashyikirana, bitari ibintu byo gushimishwa no kubona imbaga nyamwinshi yo ku cyumweru gusa.

Musenyeri wacu ashaka ko twumva ubwigenge bw'abana b'Imana, badakandamizwa n'icyaha, badatwarwa buhumyi n'ibibi iyo byaturuka hose : ni ukugira ubushishozi. Kandi ubwo Kiliziya y'iwacu, Diyosezi ya Nyundo, imaze imyaka 60, irakuze. Ntikiri iyo gutungwa n'amahanga. Mu bukene bwacu, duhora duharanira kuvamo, kuko turi abana b'Imana Rurema yaduhaye gutegeka isi, adusaba gushyira hamwe tukubaka Kiliziya n'Igihugu. Abakristu ba paruwasi zose bakagira ishyaka ryo kwikemurira ibibazo byose badategereje ak'imuhana. Ngo kaza imvura ihise, bivuga ko igihe wanyagirwaga ukeneye aho wikinga, ugutabara we yabanje kwiyugamira. Musenyeri agenda abwira paruwasi ko zacutse, cyangwa ko zigiye gucuka. Ubu se koko hari paruwasi yashimishwa no guhora mu buhinja, paruwasi buto budakura ! N'ubwo abantu batareshya ariko, buri rugo rugira ishema ryo kuba rwitunze. Ni byo ashakira na paruwasi za Diyosezi zose. Impano rero twamutura muri iyi sabukuru y'imyaka 15 ari Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, ni ukumwereka ko atagosorera mu rucaca. Tuti humura uri kumwe n'abagabo, humura ufite urubyiruko rukereye imihigo yo kujya mbere mu byiza, abo utuma ntibagutenguha, Diyosezi yacu ntihinyuka.

Dushoje wa mwaka wa 2011, umwaka w'imigisha myinshi. Dukomeze dushimire Imana. Dutangiye undi mwaka wa 2012, na wo tubona Nyagasani aduhishiyemo byinshi byiza. « Twese twahawe kubusendere bwe, tugirirwa ubuntu bugeretse ku bundi » (Yh1,16). Twakire ubwo buntu bw'Imana, n'umugambi wo kutagira ibye dupfusha ubusa.

Umusemburo w'Ubusabane wagize intege nke muri 2011, uretse abafaratiri, abandi barawutereranye, paruwasi zitubwira ibiba iwabo ni mbarwa. Izitubwira amakuru turazishimira cyane. Ibyo ari byo byose, ntiducika intege, muzabyibuka turabizeye.

Twese rero umwaka muhire wa 2012.

Padiri Fabiyani RWAKAREKE

IBARUWA MUSENYERI ALEXIS HABIYAMBERE,S.J, UMUSHUMBA WA DIYOSEZI YA NYUNDO, YAGENEYE UMUNSI WO GUSOZA UMWAKA WA CUMI, NYUMA Y'ITANGAZWA RY'IMYANZURO YA SINODI IDASANZWE.

I. GUSHIMIRA

Basaserdoti, Biyeguriyimana, Bakristu bavandimwe, namwe mwese abashakashakana Imana umutima utaryarya, « Mbifurije ineza n'amahoro biva ku Mana, Umubyeyi wacu no kuri Nyagasani Yezu Kristu »(1Kor 1,2).

Hamwe namwe ndashimira Imana ibitangaza ihora igirira buri wese n'ibyo yagiriye Diyosezi yacu muri iyi myaka ishize. Imana yadufashije kwiyunga nayo, abantu bagarura umutima bava mu icuraburindi rya bya bihe bibi bya jenoside yakorewe abatutsi n'intambara. Yaduhaye ingabire ikomeye yo gukora Sinodi yacu idasanzwe yatumye dufata iriya ntego iduhuza tugira tuti : *« Ubukristu bugomba kutubyarira ubuvandimwe nyabwo, twarabyiyemeje »*.

Ubwo buvandimwe duharanira twamenye ko tubukomora ku Mana. Imana imwe, Rukundo ruzima yatwimenyesheje muri Yezu Kristu kandi ikadukomeresha Roho Mutagatifu. Yezu Kristu, Umwana w'Imana yatumenyesheje isano ihebuje dufitanye twese abo yabumbiye hamwe akadukiza icyaha n'urupfu rw'iteka. « Koko rero ni We mahoro yacu ; Abayahudi n'abatari bo yabahurije mu muryango umwe, maze aca urwango rwabatandukanyaga, rwari rumeze nk'urukuta ruri hagati yabo »(Ef 2,14). Sinodi yacu yadufashije gusobanukirwa n'iyo sano n'Imana, dukesha isano y'ubuvandimwe butagira umupaka muri Yezu Kristu. Twumvise ko ubwo buvandimwe bunaduhuriza muri Kiliziya Yezu yashinze kugira ngo ibe umuryango utubumbye kandi udufasha kugana Imana no kugirirana akamaro. Muri uyu mwaka wa cumi nyuma y'itangazwa ry'imyanzuro ya Sinodi, twagize amahirwe yo kwongera kuzirikana ibyo byose, dufata n'imigambi iboneye dukwiriye kugenderaho. *« Tubadukanye imbaraga, imihigo yacu izira gucogora »*.

Nshimiye cyane abafashe umwanya bakazirikana ingingo abakristu bahuriragaho mu miryangoremezo yabo. Nabonye ibisubizo mwagiye mutanga n'imigambi mwihaye. Si imvugo nziza gusa ; nk'uko mwitonze mukabigeraho bizajye no mu ngiro ku buryo buhoraho, kuko ibyo mwemeje byari bishingiye ku Ijambo ry'Imana rigomba kutubera urumuri mu mibereho yacu yose.

By'umwihariko ndashimira abitangiye guhuriza hamwe iyo myanzuro ya buri muryangoremezo, n'iya paruwasi. Imana izabafashe bazabe n'ingenzi mu kuyikurikiza no kubifashamo abandi.

II. INZEGO ZOSE ZIZASHYIGIKIRE IMYANZURO TWAFASHE.

1.Urugo ni Kiliziya y'ibanze

Bene urugo mwese nimugire amahoro. Abo Imana yahurije mu rugo rumwe nimuhagire koko intaho y'Imana, Kristu umuvandimwe wacu abe ariwe mutware w'urugo aruhe guhora rutunganiye Imana Data Umubyeyi mwiza udukunda, ruvuganirwa na Roho Mutagatifu.

Mu rugo rwose habe ibimenyetso biranga ko turi abakristu cyane cyane umusaraba, ariwo kimenyetso cy'umutsindo wa Kristu. Ababana bose bagire gahunda y'isengesho, bamenye uko ubyutse aragiza Imana umunsi atangiye, uko basenga bagiye gusangira amafunguro Imana yabahaye, cyane bagire umwanya wo gutuza bose bashimire Nyagasani bunze ubumwe nimugoroba. Iryo sengesho rya nimugoroba ni ingenzi, ryubaka umutekano w'urugo rikarugwiriza umugisha. Mu masengesho asanzwe y'abakristu harimo umwanya bagira bati : « Nimucyo twibuke ibyaha byacu, tubone kubyicuza » bagaceceka akanya gato. Uyu mwanya

tuzawuhe agaciro. Turi abantu. Twese turi abanyabyaha. Buri muntu yigaye ibicumuro bye cyane ibyangiza umubano we n'abandi.

Ababana mu rugo bazitoze kwicisha bugufi, gusabana imbabazi no kuzihana. Bazace mu rugo rwabo imvugo zihembera amacakubiri zitoza abana kwanga abo badahuje ubwoko, akarere n'ibindi abantu bashobora guheraho bivangura. Ahubwo bazabatoze kumenya ko twese twaremwe mu ishusho ry'Imana, ko muri Kristu turi abavandimwe.

Ababyeyi bazagene umwanya w'inama y'urugo: ni igihe basuzuma byose, bagafata ingamba zihamye. Ababishoboye bagira n'ikaye bandikamo ibyo biyemeje, bakajya basuzuma bareba aho bigeze.

Ababyeyi bazakundishe abana guhurira hamwe n'abandi mu matsinda yabo ari mu muryangoremezo, bakurikire ibyo bahigira. Bazabaheshe amasakaramentu ku gihe, kandi mu buzima bwabo bwose bazabakundishe Isakramentu ry'imbabazi n'iry'Ukaristiya.

Ijambo ry'Imana rikwiriye icyubahiro gikomeye. Buri rugo ruzakore uko rushoboye rutunge Bibiliya, byanashoboka igashyirwa ahantu hagaragara, bakayiha icyubahiro. Ubonye umwanya akicara akayisoma, hakaba n'igihe basomera hamwe ingingo batoranyije bagasangira iryo jambo buri wese avuga icyo ryamwunguye.

Abari mu rugo rumwe bazibukiranye kwitabira ibihuza abakristu byose, mbere na mbere Misa y'icyumweru, inama y'umuryangoremezo, inama z'imiryango cyangwa amakoraniro y'abasenga barimo n'andi mahugurwa anyuranye. Ibi byose bakamenya kubikuramo ibyungura umubano n'ubumwe, aho kugira ngo bibe byabashyamiranya.

2. Umuryangoremezo ni irerero ry′ubuvandimwe.

Twese dufitanye isano ikomeye cyane, turi abana b'Imana Data, turi abavandimwe; nibigaragarire rero aho dutuye.

Abakristu baturanye, bamenyane, bakundane, basurane, batabarane, bafashanye kwiteza imbere kandi ntibaheze n'abatari abakristu, ahubwo urukundo bakundana runabahuze n'abandi bose, ibyo bagirirana babigirire n'abandi bose.

Bwa bukristu bushinze imizi mu rugo buzunganirwa n'uko za ngo zose zihurira mu muryangoremezo. Umuryangoremezo si ikintu gishya. Nongeye gushimira abawukunda, bazi agaciro kawo bakaba bawushyigikira uko bashoboye.

Inama y'umuryangoremezo ijye yubahiriza gahunda, ntisibe, ariko kandi ntirambirane kuko mu byo idutoza harimo no guhagurukira gutunga ingo zacu.

Inama y'umuryangoremezo izitoze kumenya gutungwa n'Ijambo ry'Imana, abawugize bavome muri Bibiliya ibisubizo by'ibibazo byose.

Inama y'umuryangoremezo izafashe kwimakaza umuco w'amahoro n'ubwiyunge, turwanya amacakubiri iyo ava akagera.

Abagize umuryangoremezo bazagire umutima w'impuhwe umenya ubabaye wese, bamwumve ; ugomba gutabarwa bamutabarire igihe.

Kugira ngo ibi bigende neza, abashinzwe imirimo ya gitumwa bazayitangire koko, cyane cyane abatorewe kumenya imbabare no kwunga abantu. Bityo ibibazo abantu bakunda kugirana bizarandukane n'imizi, maze aho guha intebe ibyo bapfa, himikwe ibyo bapfana.

Umuryangoremezo uzajye wibuka abarwayi basurwe, bajye gusengera iwabo, kandi hagenwe n'uburyo bwose bwo kubunganira, nko kubaha umubyizi ndetse n'imbuto igihe cy'ihinga, no kubaha inkunga y'ibiribwa. Ntitukarebe gusa uburwayi bw'umubiri, tuzibuke no kugandura abafite intege nke mu bukristu cyangwa abatangiye gusenya ingo zabo.

Ndashimira imiryangoremezo yagize umwete wo kwibutsa abari baragize intege nke mu bukristu kugarukira Imana. Nimukomeze mubashyigikire. Nabo kandi bashimire Imana yabahaye kuyigarukira, bayikomereho, ndetse nabo bayibere intumwa bashakashaka abandi baba bagihuzagurika.

Kugirango abatuye umuryangoremezo umwe barusheho kumenyana, byaba byiza bagiye bimura aho basengera bagasanga abantu mu ngo zabo bakabasabira umugisha wa Nyagasani. Ibi

ntibibujije ko umuryangoremezo wagira inzu yawo, iba ari ikimenyetso cy'ubumwe. Muri iyo nzu hakorerwa n'izindi nama z'amatsinda anyuranye y'abakristu cyane cyane amatsinda y'abana. Ayo matsinda y'abana mwese mumaze kwibonera akamaro kayo. Nimuyashyigikire abana bakure bakunda Imana kandi bakundana. Urukundo batozwa rujye rugaragarira mu bikorwa, basure abarwayi, bibuke bagenzi babo b'imfubyi bagire icyo babagenera ababyeyi babibafashijemo, ndetse nabo babe intumwa bagira ishyaka ryo kugandura abagira umwete muke wo kwiga no kuza mu nama y'ayo matsinda yabo.

N'ubwo umuryangoremezo ari ikintu twese tudashidikanya akamaro kawo hari abo wananiye. Biri cyane mu rubyiruko n'abagabo. Kuri bamwe birumvikana ko bawuburira umwanya kubera imirimo bazindukiramo. Haracyari ariko n'ababuzwa n'umwete muke. Nibagerageze bagane inama y'abavandimwe, inkunga yabo y'ibitekerezo n'isengesho irakenewe. Abo imirimo ibera imbogamizi igihe babonye akanya bajye bashimishwa no gusanga abavandimwe, babereke ko kuba bataboneka atari ukubihunza. Igihe kandi hagenwe igikorwa rusange, nibura bibuke gutanga umusanzu wabo. Icyakora umusanzu w'amafaranga ntushobora gusimbura ibitekerezo n'umushyikirano wa kivandimwe ugaragarira mu nama y'umuryangoremezo.

Mu bantu imirimo ibuza kwitabira imiryangoremezo harimo abajijutse n'abo Imana yahaye kumenya gukora cyane no kugira umutungo utubutse. Ubwo buhanga bafite umuryangoremezo wabo urabukeneye. Bajye bashaka akanya bafashe abavandimwe, nibatera imbere nabo bazarushaho gutunga bafite umutekano.

Umuryangoremezo ni ishuri, ni irerero ry'ubuvandimwe. Imana igwirize umugisha abawitabira, maze uberere imbuto zirambye. Imiryangoremezo yegeranye ihurizwa mu ihuriro mpuzamiryangoremezo. Aho iryo huriro riri ni byiza, abayobozi b'iyo miryangoremezo irigize bajye bagira igihe kigenwe bahure, bungurane ibitekerezo, ndetse bahwiturane. Ibi bizanakorerwa no mu nama ya santarali. Umukuru wa santarali na komite zimufasha bazagire umwete wo gukurikirana imikorere y'imiryangoremezo yo muri santarali, cyane bashake uburyo amatsinda y'abana yarushaho gukora neza.

3. Paruwasi ni urwego rwa Kiliziya ihamye iri ahantu hagenwe.

Muri Kiliziya umuryango w'abana b'Imana, paruwasi ifite agaciro gakomeye. Igitabo cy'amategeko ya Kiliziya kivuga ko « Paruwasi ari umuryango w'abayoboke, uri ahantu hagenwe ku buryo buhamye. Iyoborwa na Padiri Mukuru uyibereye umushumba wayo bwite, akayiyobora agengwa n'Umwepiskopi wa Diyosezi »(Code de Droit Canon n°515,1).

Sinodi yacu yadufashije kurushaho kumva ko nk'abana b'Imana Data, tugize umuryango umwe, aho buri muntu afite agaciro gakomeye kandi ategerejweho kugira akamaro.

Mbasabye rwose kurushaho kumenya uwo muryango ubabumbye ari wo paruwasi yanyu, nimuyikunde, muyishyigikire, muyiteze imbere.

Imirimo ikorerwa paruwasi igirira akamaro uyikoze n'abandi bose. Iyo duteje imbere paruwasi yacu ni Diyosezi na Kiliziya y'Imana tuba duteje imbere.

Ndabanza gushimira abitangira ubutumwa bunyuranye muri paruwasi nk'abakateshisti bitangira kwigisha Iyobokamana, abagize za komite zifashanya n'abasaserdoti kuyobora paruwasi, abari muri za komisiyo nyinshi ziri muri paruwasi, abayobora imiryango n'amakoraniro y'abasenga, abitangira liturujiya na za korali, abayobora imiryangoremezo n'ab'amatsinda y'abana n'abandi benshi bitangira gukomeza uwo muryango w'Imana uri muri paruwasi. Mwese nimukomeze ; igihe mubatijwe, mugakomezwa, mwabaye intumwa, ntimuzacogore, Imana izabibahembera.

Iyi mirimo yose isaba ko uyikora abijijukira, niyo mpamvu hagomba kubaho amahugurwa n'imyiherero igenewe buri cyiciro. Ndasaba abasaserdoti gukora **gahunda y'amahugurwa** agenewe ibyiciro binyuranye. Cyane cyane bazagene umwanya **w'imyiherero** kuko imirimo yo kwitangira umuryango w'Imana isaba umutima usabanye n'Imana, buri muntu akamenya ubutumwa Nyagasani amuha akabukorana ubwiyoroshye n'ubwitange busesuye.

Dukwiriye kwishimira ko muri paruwasi nyinshi abize amashuri bumvise ko abavandimwe babakeneye, maze ubumenyi bafite babukoresha bafasha umuryango wose w'abana b'Imana. Nibajye mbere, banabikangurire na bagenzi babo batibuka ko bahawe byinshi, kandi ko bazabazwa byinshi.

Abo bajijutse bazibuke no gushyigikira imiryango y'Agisiyo Gatolika. Benshi muri bo bayihozemo ari abanyeshuli, bagera mu mirimo ntibakomeze. Nibagire ubutwari bwo kugaragaza ubukristu bajye muri iyo miryango, bagire uruhare muri liturujiya no mu makorali, impano bahawe zigirire bose akamaro.

Amashuri n'amavuriro ya Kiliziya Gatolika ajye arangwa n'imikorere inoze, hagaragare imico nyayo y'ubukristu, ndetse habe n'ibimenyetso biranga abakristu nk'imisaraba mu mazu. Imirimo itangizwe kandi isozwe no gusenga.

Muri paruwasi kandi hahurizwa ubuyobozi bw'imiryango inyuranye. **Komite iyihuza izahabwe ingufu** kandi buri muryango w'Agisiyo Gatolika umenye koko umwihariko wawo uwiteho. Umwihariko wa buri muryango ni impano uhabwa ngo ufashe umuryango wose, si ukuvuga ko aribo bonyine bihariye icyo bashyira imbere ahubwo bajye bamenya ko babisangiye n'abakristu bose, bubahe abayobozi ba paruwasi, bagirwe inama kandi ibyo bungukira mu muryango barimo, bigaragarire no mu muryangoremezo batuyemo, no mu ngo zabo. Birababaza kubona umuntu wakataje mu muryango uyu n'uyu atitabira umuryangoremezo cyangwa ugasanga mu rugo rwe badasenga.

Urubyiruko rwa buri paruwasi ni amizero ya Kiliziya. Abasore n'inkumi bitangira gushyigikira paruwasi bakemera gushingwa imirimo ikomeye barakagwira, mbasabiye umugisha w'Imana. Urwo rubyiruko rw'intwari, rudatinya abaruca intege rukwiriye gushyigikirwa cyane. Imiryango y'Agisiyo Gatolika n'amakoraniro y'abasenga bazihatire gushaka urubyiruko kandi ruhabwe umwanya mu buyobozi. Muri aba ndashima by'umwihariko, ababona umwanya wo kwitangira amatsinda y'abana. Ndasaba abasaserdoti bashinzwe urubyiruko muri paruwasi kubaba hafi cyane, bakabagenera amahugurwa n'imyiherero.

Paruwasi yose nk'umuryango nta wundi itegeyeho amikoro igomba kwihaza, ikamenya aho ikura ibyo yifashisha n'ibigomba gukorwa byose bikaba bisobanutse bazi n'icyo bizatangwaho ngo bitungane. Paruwasi igomba gufata neza amazu n'ibindi bikorwa remezo ifite ; umuryango w'Imana ariwo Paruwasi witungira abasaserdoti bawukorera, ukanamenya n'ishimo ry'abandi bose uha ubutumwa bwihariye nk'abakarani ba paruwasi n'abandi bakozi bayo.

Kugira ngo ibi bigende neza, byose bigomba gukorwa mu mucyo, ibyinjiye mu mutungo wa paruwasi byose bikamenyeshwa abakristu kandi bakanamenyeshwa ibyakozwe byose n'icyabitanzweho. Uyu murimo ushinzwe cyane komite ncungamutungo ifatanyije n'izindi komite, ariko kandi n'abasaserdoti bari muri paruwasi bose bagomba kubikurikiranira hafi, buri wese anagaragaza uko ibyo ashinzwe bimeze.

Abakristu benshi bumvise akamaro ko gufasha Kiliziya nk'umuryango wabo. Ndabibashimira cyane. Nimukomeze ubwo buntu maze ibyo mugenera gukorera Imana muzabyiturwe karijana.

Uretse imfashanyo z'amafaranga n'ibindi bintu ab'umutima mwiza batanga batijana, ndanashima n'abakoresha amaboko yabo, basukura Kiliziya n'ahayikikije, cyangwa se biyubakira aho basengera bakanahafata neza. Ibi byose ni ibimenyetso by'imyumvire myiza y'abakristu bazi ko Kiliziya ari iyabo. Ndanabashimira ko ibyo bakorera Kiliziya, binajyana no gufasha imbabare n'abakene aho bari hose. Uwo mutima mugari ujye uhora uranga aba-Kristu, bagenze nka We «Wagiraga neza aho anyuze hose ».

Abakristu ni umuryango w'abana b'Imana baharanira gusa na Yo muri byose. Niyo mpamvu mu byo bakora byose bagengwa n'urukundo. Urwo rukundo rurangwa n'impuhwe zimenya imbabare zose ; imfubyi, abapfakazi, abafite ubumuga, imfungwa n'abandi. Abakristu kandi bahora ku isonga mu biteza imbere uburyo bwose bwo kwishyira hamwe abantu baharanira kwiteza imbere. Bitabira ibikorwa byiza byose biganisha ku majyambere, bakirinda ibyica byose n'ibisenya. Ivanjili y'urukundo ibafasha gushishoza neza muri byose.

Paruwasi nziza igira gahunda isobanutse, izwi na bose. Abasaserdoti bayiyobora bajya inama, buri muntu akamenya ibyo ashinzwe, kandi akanamenyesha mugenzi we uko abikora. Abo basaserdoti bubahiriza gahunda z'inama bagirana n'abalayiki bafatanya mu mirimo ya paruwasi. Bajya muri izo nama bumvikanye ku byigwaho, bagafatanya kwakira ibitekerezo abandi batanga no kubihuza n'inshingano za Kiliziya.

►Inama nkuru ya paruwasi ijye itegurwa, maze ishobore gutanga umurongo uboneye paruwasi igenderaho.

►Komisiyo ya Paruwasi ishinzwe ubutumwa bw'Abalayiki (C.P.A.L) izafasha gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'inama nkuru. Cyane cyane abakuru ba santarali n'inzego zibafasha bazihatire kugira santarali yabo umuryango umwe. Abakristu ba santarali imwe bagire ishyaka ryo kuyiteza imbere no kwanga kurushwa n'izindi. Mujye mwibuka ko paruwasi nshya zikomoka kuri santarali. Santarali yunze ubumwe yitabira ibikorwa byose paruwasi isaba, ikamenya imiryangoremezo iyigize, abayobozi bayo bakagirana inama, igaharanira ko buri mukristu agira umuryango w'Agisiyo Gatolika abarizwamo, ikita cyane ku matsinda y'abana; iyo santarali iba ari ingenzi.

►Za komite uko ari eshatu zo ni moteri ya paruwasi. Ni byiza ko harimo n'abantu bajijutse bemeye gushyira hamwe ubuhanga Imana yabahaye ngo bakorere umuryango w'Imana. Buri komite izakomeze yubahirize inshingano zayo kandi bose bamenye kuzuzanya.

Byaba byiza na santarali igize komite eshatu zayo. Ariko na none hakubahirizwa ubwisanzure bw'urwego rwa paruwasi rutanga imirongo ngenderwaho.

Paruwasi eshatu cyangwa enye zegeranye zihurizwa mu cyo bita doyenné. Abasaserdoti bakorera muri izo paruwasi bamaze kumva ko bunze ubumwe ku buryo bw'umwihariko. Byaba byiza n'abakristu ba doyenné imwe bageze kuri iyo myumvire. Nk'imiryango y'Agisiyo Gatolika iri muri doyenné ikagira uko ikorana, igasurana, igafashanya mu mahugurwa n'imyiherero.

III. UMWANZURO

Bakristu bavandimwe, dushoje uyu mwaka wo kwizihiza imyaka icumi ishize nyuma y'itangazwa ry'imyanzuro ya Sinodi yacu. Uyu mwaka wabaye ingirakamaro. Twongeye kwiyumvisha ya Sano yacu n'Imana. Ubukristu bwacu ntibushingiye ku bumenyi bw'amahame n'amategeko gusa, turi umuryango w'Imana. Dufitanye isano n'Imana, bikadutera kuyikunda no kuyiringira mu kwizera gusesuye. Niyo mpamvu ubwoba bwose butuma abantu birukira abababeshya b'abapfumu n'abandi biyoberanya bakabivanga n'amasengesho butagifite aho bushingiye. Niyo mpamvu nta pfunwe tugira ryo gusenga. Guhamya aho turi hose ko turi abakristu ni ngombwa. Ntidushobora kwihakana Data udukunda. Ubuvandimwe dukomora kuri iyo sano n'Imana tujye koko tubugaragariza mu bikorwa, ivangura iryo ari ryo ryose ntirikavugwe muri twe. Ibisigisigi by'irondakoko, byo kwishishanya n'ibindi byatwangirije amateka, uwitwa umukristu wese abyiranduremo kandi ajye abyamaganira kure. Dushyire imbere ibiduhuza : gutabarana, gufashanya cyane kwubaha buri muntu no kumuha agaciro gakwiye umwana w'Imana. Tugire ishema ryo kuba muri Kiliziya umuryango uhuza abana b'Imana, tuyitangire, umuntu wese ahore aharanira gushaka icyo yamarira abandi. Ntawe ukwiye gutinya gufata umwanya w'ubuyobozi ari mu miryango y'Agisiyo Gatolika, imiryangoremezo n'ahandi. Wa muco wo kwanga kwivuna, imirimo igaharirwa bamwe gusa uzacike. Kiliziya ikeneye inkunga ya buri wese. Imfashanyo z'abagiraneza bo mu mahanga ziragenda zikendera. Ni mu gihe, bazi ko twakuze, ko dushobora kwiyubakira. Dushyize hamwe uduke dushobora kubona, tukanashyira hamwe amaboko yacu ntacyatunanira.

Dushoje uyu mwaka ku munsi mukuru wa Kristu Umwami. Tumwegurire imitima yacu, tumushimire ibyakozwe byose muri uyu mwaka cyane cyane ko abavandimwe bacu benshi bagarukiye Imana. Tumusabe twese adukomeze mu kwemera no mu bumwe.

Kristu ni We bumwe bwacu. Ku musaraba yabambweho yadusubije isura nzima y'abana b'Imana atugira abavandimwe. Mu rukundo rwe ruhebuje araye ari budupfire yatwihayeho

ifunguro. Mu Ukaristiya duhabwa Yezu aduturamo akaduhuza na Se kandi twese akatugira umwe. Abasangira Ukaristiya twese tujye twibuka icyo gihango. Abanyarwanda kera baranywanaga, bagaca indasago ku nda amaraso ahavuye bakayavanga bakayasangira bakavuga ko bahanye igihango, bari bazi ko uhemukiye uwo bahanye igihango apfa. Twe dusangira Yezu muzima. Natwe tujye tumenya ko uhemukiye icyo gihango cy'abasangira Yezu apfa; nta kibi nko gupfa uhagaze, utakigira umutima.

Muri urwo rwego nifuza ko umunsi mukuru w'Isakramentu ritagatifu wazajya utubera umunsi wo kwizihiza igihango cy'abavandimwe muri Yezu Kristu.

Nshyizeho kandi komisiyo ya Diyosezi ishinzwe gukurikirana gahunda y'Iyogezabutumwa. Iyo komisiyo izashingira ibikorwa byose ku guharanira ko Diyosezi iba koko umuryango w'abana b'Imana, inafashe buri rwego rwa Diyosezi gukomera kuri iyo ntego, bityo twese dushobore kugendera hamwe.

Bana b'Imana, bavandimwe, nongeye kubashimira, nizeye ko tugiye guha Diyosezi yacu imbaraga nshya tubikesha Roho Mutagatifu utuyobora. Bikira Mariya Umubyeyi w'abakene twiragije ahore abidusabira ku Mwana We Soko y'ibyiza byose.

Umugisha w'Imana uhorane na mwe mwese.

Bikorewe ku Nyundo tariki ya 20 Ugushyingo 2011
ku munsi mukuru wa Kristu Umwami.

+Alexis HABIYAMBERE, S.J,
Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo

PAPA BENEDICTO XVI YATANGAJE UMWAKA W'UKWEMERA

Ku itariki ya 11 Ukwakira 2011, Papa Benedicto XVI yatangaje ibaruwa itangizwa n'aya magambo ngo : *'Irembo ry'ukwemera'* (reba Int 14,27) ryinjiza mu mushyikirano n'Imana, rikanatuma umuntu yinjizwa muri Kiliziya rihora ritwugururiye.

Nk'uko mubizi amagambo ya mbere atangije amabaruwa nk'aya niyo ayaha izina. Iyo baruwa rero yitwa « Porta Fidei » : Irembo ry'ukwemera.

Kuva yatorerwa kuba Umushumba wa Kiliziya Gatolika ku isi yose, Papa Benedicto XVI ntiyahwemye kugaragaza impungenge aterwa no kubona ukwemera kugenda gukendera henshi ku isi, cyane cyane mu bihugu bikize.

Avuga ko ibyo bintu tutabyihorera ngo bikomeze bityo. Ati : « Ntitwakwemera ko umunyu ukayukamo uburyohe n'urumuri rugapfukiranwa (reba Mt5, 13-16). Afitiye igishyika abantu b'iki gihe, asanga nabo bakwiye kugarurirwa kugira inyota yo gutungwa n'Ijambo ry'Imana n'Umugati w'ubuzima (reba Yh 6,51).

Niyo mpamvu yiyemeje gushyiraho umwaka w'ukwemera yizeye ko uzarumbukira abantu bose. Arararikira Abepiskopi b'isi yose kwunga ubumwe n'Umusimbura wa Petero bahujwe no kwibuka bashimira Imana ingabire y'ukwemera.

Muri uwo mwaka abemera bose bazamamaza nyine uko kwemera muri Liturjiya cyane cyane mu gitambo cy'Ukaristiya « Kuko niba wamamarisha umunwa wawe ko Kristu ari Nyagasani kandi ukemera mu mutima wawe ko Imana yamuzuye mu bapfuye, uzarokorwa. Nuko rero umuntu yemera mu mutima bikamuha ubutungane, yamwamamarisha umunwa bikamuha uburokorwe » (Rom10,9-10).

Uwo mwaka w'ukwemera uzatangira **ku itariki ya 11 Ukwakira 2012** umunsi twibukaho ugutangizwa kwa Konsili ya Vatican II . Uzasozwa **ku itariki ya 24 Ugushyingo 2013** ku munsi mukuru wa Kristu Umwami.

Itariki ya 11.10.2012, umunsi uwo mwaka w'ukwemera uzatangiriraho izahurirana n'isabukuru y'imyaka 20 izaba ishize hashyizwe ahagaragara Gatigisimu ya Kiliziya Gatolika.
Muri uko kwezi kwa cumi k'umwaka wa 2012 Papa yanatumije inteko rusange ya Synode y'Abepiskopi. Ni uruhurirane rw'ingirakamaro kugira ngo Kiliziya y'Imana aho iri hose izinjire muri iyo gahunda yo kuzirikana ku buryo bw'umwihariko kandi hose ku kwemera nyakuri no kukugarukira.

Papa Benedicto XVI avuga ko yahisemo gutangiza umwaka w'ukwemera k'umunsi twibukaho isabukuru y'imyaka 50 y'itangizwa rya Consili ya Vaticani II, kugira ngo ahamye nk''uko n'Umuhire Papa Yohani Paulo II wamubanjirije yabyanditse ko ibyo iyo Consili yadusigiye bitaratakaza agaciro kabyo. Bigomba gusomwa no kwiga nk'inyandiko zitanga icyerekezo kiboneye mu myigishirize ya Kiliziya.

Umwaka w'ukwemera uturarikira twese kwivugurura tukagarukira Nyagasani Yezu Kristu, Umucunguzi w'isi, kuko nk'uko Paulo Mutagatifu abivuga « Twebwe, ni ku bwa Roho Mutagatifu no mu kwemera dutegereje ubutungane twizeye…… igifite akamaro ahubwo, ni ukwemera kujyana n'urukundo »(Gal 5,5-6).

Abantu b'ibihe byose n'aba hose, bose Nyagasani ababumbira mu rukundo rwe, rukaba muri bo imbaraga zituma bitangira kumwamamaza. « Urukundo rwa Kristu ruraduhihibikanya (2 Kor5,14). Kwamamaza Yezu Kristu mu mvugo ntibihagije hagomba kubaho n'ubuhamya bw'imibereho igaragaza nyakuri ukwemera dufite mu mutima wacu.

Ukwemera ni ingabire, ni impano y'Imana. Abantu benshi n'aho baba badasobanukirwa n'iyo ngabire, baharanire 'igifite agaciro kandi basanga kirambye, kizahoraho', iyo n'intera iganisha k'ukwemera.

K'uwifuza gusobanukirwa n'ingingo zihamye z'ukwemera, Gatigisimu ya Kiliziya Gatolika yabimufashamo k'uburyo bushyitse. Umwaka w'ukwemera uzadufashe kumenya iyo Gatigisimu. Twizere ko uzahurirana n'uko yarangije gushyirwa mu kinyarwanda, kuko twumvise ko abafaratiri bo mu Rugaga rwa Paulo Mutagatifu babyiyemeje , kandi si ibigwari.
Turacyategereje amabwiriza y'uko tuzizihiza uwo mwaka uzatangira ku italiki ya 11.10.2012. Nitwikomezamo imihigo yo gushyira mu bikorwa ibyo twagezeho mu mwaka wa cumi nyuma y'isozwa rya Sinodi ya Diyosezi yacu, bizadufasha cyane kwungukira mu byo Papa azadutumaho.

Ubwanditsi

ABATAGATIFU N'AMASHUSHO BIFITE UWUHE MWANYA MU KWEMERA KW'ABAKRISTU ?

Kuva mu ntangiriro y'ubukristu hagaragaye icyubahiro kidasanzwe cyagiye gihabwa abatagatifu. Icyo cyubahiro cyatangiye cyera kuva ku gihe cy'amatotezwa y'abakristu ku ngoma y'Abanyaroma. Kugeza na n'ubu icyo cyubahiro kirabahabwa. Kiliziya nyobozi itanga umurongo mwiza ugomba kubahirizwa. Ni umurongo ufasha abayoboke b'Imana kandi ukabumbatira ubusugire bw'ukwemera nyako kwa Kiliziya gatolika.

Ku rwego rwa mbere icyo cyubahiro gihabwa Umuhire Mariya, Umubikira iteka, Nyina w'Imana Yezu Kristu Umwami wacu. Nyuma abakristu bibuka kandi bakubaha Yozefu utagatifu, Umugabo w'uwo Mubikira, Yohani Batisita n'intumwa za Nyagasani Yezu. Ku rwego rukurikiyeho bibuka abahowimana, aberimiti, abamisiyoneri batibagiwe n'abatagatifu babayeho mu mibereho isanzwe y'ubuzima.

Icyo cyubahiro kijyana n'ibimenyetso bifasha kurushaho kwibuka abo bahire nk'intwari zanogeye Imana. Ibyo bimenyetso ni : amashusho abajije mu biti cyangwa mu mabuye, amashusho akoze mu byuma cyangwa mu ibumba, amashusho akoze muri pulatere(plâtre) cyangwa muri pulasitike(plastique), amashusho ashushanyije bya gihanga hakoreshejwe amarangi (portraits et tableaux), amashusho asohoka mu icapiro, amashusho ashyirwa mu bitabo, ku midari, ku nkuta z'amazu n'ahandi…

I. GUHIMBAZA ABATAGATIFU MURI KILIZIYA GATOLIKA

Mutagatifu Dominiko ubwo yari agiye gupfa yabwiye abavandimwe be ati : « Mwoye kurira, nzabagirira akamaro nyuma y'urupfu rwanjye, kandi nzabafasha kurusha igihe nari nkiri muzima ». Naho Mutagatifu Tereza w'Umwana Yezu we ati : « Nzaba mu ijuru nkorera isi ibyiza ».

Mu gihe cy'amatotezwa y'abatagatifu b'i Bugande, umunsi Umwami w'Igihugu Mwanga Kabaka atanga Yozefu Mukasa Balikuddembe ngo yicwe yagaragaje ubutwari n'ukwemera gukomeye. Yabwiye abishi be ati : « Mugende mubwire Mwanga ko namubabariye ! Icyakora agomba kwicuza agahinduka ! ». Ubwo Umwami n'abatware bibwiraga ko iby'abakristu birangiye kuko uwari ukomeye muri bo yari yishwe. Nyamara bo bakavuga bati : « Nta gahinda twiboneye umuvugizi mu ijuru ! Uwaduha ngo natwe dupfe nk'urwa Yozefu Mukasa ! ».

Abatagatifu ni abavugizi bacu. Ni abantu ; ni abakristu banyuze muri iyi si, bamurikiwe na Kristu barwana intambara yo kuri iyi si barayitsinda nkawe. Ni abatsinzi. Ni urugero rwacu. Abazirikana imibereho yabo bibigisha kumenya no gushobora kuvoma ku isoko y'ubutungane.

1.1. *Umutagatifu, Umuhire, Umwubahwa.*

Ubusanzwe Kiliziya nyobozi ifite inshingano zo gufasha abayoboke b'Imana kubaha abatagatifu mu rugero rukwiye. Mu bushishozi bwayo yashyizeho intera eshatu ziganisha ku cyemezo ntakuka ifata igira iti : « Ntangaje ku mugaragaro ko kanaka ari umutagatifu. Ni byo koko kandi ndabyemeje ». Iki ni icyemezo kigomba kwitonderwa, kwigwaho bihagije kandi bifata igihe gikwiye.

Uwabatijwe wese ahamagarirwa kugaragira Yezu Kristu nk'umugaragu w'Imana. Niyo mpamvu abayoboke bayo babaye imena muri ubwo butumwa Kiliziya ibatangaza nk'abagaragu nyabo b'Imana. Ibyo biba bigaragara ko urugero rwabo rwubaka ukwemera kandi ababisunga bikabakomeza.

a) *Umutagatifu* : Umugaragu w'Imana w'Umutagatifu (le Saint Serviteur de Dieu) ; Kiliziya nyobozi itanga inama ku bayoboke b'Imana ko umukristu wabaye intangarugero koko mu mibereho ye hano ku isi ashobora kwizihizwa mu munsi mukuru ugaragara nk'umutagatifu washyizwe mu rutonde rw'abatagatifu n'urwego rubishinzwe (Congrégation pour la cause des Saints et bienheureux C.I.C ; Canon 1187).

b) *Umuhire* : Umugaragu w'Imana w'Umuhire(Bienheureux Serviteur de Dieu) ; Kiliziya nyobozi igena uburyo bukwiye bwo kubaha abagaragu bayo baranzwe n'imigenzo nterahirwe

y'ubukristu bakiri ku isi. Abo bashyirwa mu rutonde rw'abahire n'urwego rubishinzwe (C.I.C ; Canon 1187).
c) *Umwubahwa* : Umugaragu w'Imana ukwiye kubahwa (le Venérable Serviteur de Dieu) ; Kiliziya ntibuza na none abana bayo kubaha mu buryo bwihariye, bukorwa n'abakristu b'ahantu hihariye, umukristu wagaragayeho kuba umugaragu w'Imana akiri ku isi. Icyo gihe Kiliziya nyobozi irabibemerera kabone n'ubwo urwego rwayo rubishinzwe ruba rutarazamura uwo mugaragu w'Imana mu ntera y'abahire cyangwa abatagatifu.

II. URUHARE RW'AMASHUSHO MU KWEMERA KW'ABAKRISTU GATOLIKA

a) Mu isezerano rya kera

Bibiliya itubwira gusa ahantu habiri Abayisiraheli bifashishije amashusho. Icyo gihe bari kumwe na Musa mu butayu bagana igihugu cy'isezerano :
1. Musa yakoresheje ubushyinguro bw'isezerano. Bwari umutamenwa wabikaga amabuye abiri yanditseho amategeko cumi y'Imana (Ivug10,1-5). Uwo mutamenwa wari utatse zahabu kandi uriho n'amashusho y'Abamalayika(1 Sam4,4; 1Matek28,2). Amashusho dufata ko yakozwe na Musa ni ayo y'Abamalayika bo mu rwego rw'Abakerubimu (Iyim25,18-20).
2. Ahandi ni ya nzoka y'umuringa Musa yigeze gucurisha agirango akize Abayisiraheli ubumara bw'inzoka z'inkazi zabarumiraga mu butayu (Ibar21,8-9). Uwarumwaga n'inzoka akarangamira iyo imanitse y'umuringa yarakiraga.

Ubundi muri rusange, ku Bayisiraheli icyitwa ishusho cyose cyari kibujijwe. Impamvu byari ukugira ngo birinde ikintu cyose cyatera urujijo, bigafatwa nk'aho Abayahudi nabo basenga ibigirwamana-shusho nk'uko amahanga yandi yari abakikije yabisengaga.

b) Mu mateka ya Kiliziya

Abakristu ba mbere nabo b'Abayahudi ntibihutiye gukoresha amashusho kuko byari gutera urujijo abakiraga ukwemera b'Abagereki n'Abanyaroma. Ntibari kuzabona neza itandukanyirizo riri hagati y'ubukristu n'umuco w'Abagereki n'Abanyaroma basengaga ibigirwamana-shusho.

Ikinyejana cya II n'icya III mu mateka ya Kiliziya cyabaye igihe cy'ubumaritiri: abakristu barishwe cyane bahorwa ukwemera kwabo. Icyo gihe kuba umumaritiri cyangwa guhorwa Imana byafatwaga nk'urwego ruminuje rw'ubutungane, bigasobanurwa n'aya magambo bagira bati: "Nguru koko urukundo ndengakamere rutuma umuntu ahara umubiri we ngo utwikwe... Abamaritiri bahita binjira muri paradizo, abakristu bapfa bisanzwe bo barategereza".

Umuco wo kubaha Abatagatifu b'abamaritiri watangiranye no gusoma ibyerekeranye n'imibereho n'urupfu byabo. Urugero rwaba nk'inyandiko za kera cyane zivuga kuri Felisita, Peripetuwa, Polikarupo...(Lettres de l'Eglise de Smiryne, actes des martyrs de carthage...). Nyuma haje kujya hubahwa ibisigazwa by'imibiri yabo (reliques). Ubundi hamwe na hamwe babakoreraga amashusho agaragaza icyubahiro babaga babafitiye.

Ibintu byabaye nk'ibihinduka ahagana mu kinyejana cya VI n'icya VII. Amashusho yateye impaka ndende muri Kiliziya zagaragaye cyane mu burasirazuba bw'Uburayi. Abakristu b'ahitwa Bizanse (Bysance, ville de l'Empire Romain d'Orient depuis 4èS.) nibo bagaragaje ubukarihe mu byerekeranye no kurwanya imikoreshereze y'amashusho iyo ariyo yose. Icyo gihe, amashusho yose yaba aya Yezu, aya Bikira Mariya n'ay'Abatagatifu yakuruye amakimbirane akomeye cyane muri Kiliziya(Iconoclasme). Yashyamiranyije abayobozi ba Kiliziya ubwabo, ashyamiranya abo bayobozi n'abami b'abakristu.

Ku ikubitiro Umwami Lewo III (675-741) wo mu ngoma ya Roma y'uburasirazuba, yaciye amashusho aho ababasha bwe bwageraga hose.Uwamusimbuye ku ngoma, Konsitantini

V umuhungu we nawe abimwunganiramo. Ibi byabaye mu myaka ya 726 kugera muri 854. Abayobozi ba Kiliziya bari bashyigikiye ko icyubahiro cy'amashusho kigumaho baricwaga, bagahunga cyangwa bagakurwa ku mirimo yabo.

Muri 766, Umwamikazi Irena niwe watangiye inzira yo guhosha ayo makimbirane. Yubahaga amashusho kandi imwe mu ishusho za Bikira Mariya zari zashoboye kurokoka zitamenwe niwe wari uzibitse iwe ikambere. Abandi ni abihayimana b'abamonaki. Aba nabo bari bayihambiyeho kandi bazi neza ko kuyagumana byari kubaviramo ibihano twavuze haruguru.

Muri 787 nibwo inama nkuru yateraniye ahitwa NISEYA (Nicée en Asie mineure) igarura umutuzo. Icyo gihe umusaraba niwo wabaye uwa mbere mu kugarurirwa icyubahiro cyawo. Andi mashusho ni aya Bikira Mariya. Abami babigizemo uruhare ni Konsitantini VI, Lewo IV, Abapapa ni Gerigori III na Adiriyani I . Abatagatifu barwaniye ishyaka amashusho ni Yohani Damaseni na Tewodori.

Amatsinda yo kurwanya amashusho yongeye kwaduka mu 1600 ubwo abaprotestanti bari bamaze kuvuka no gukomeza amadini yabo mu Bulayi. Kugeza ubu abakristu bari muri ayo madini yitandukanyije na Kiliziya ya Roma (Kiliziya Gatolika) ntibubaha amashusho. Ariko bamwe muri bo bakoresha umusaraba ariko batawuha icyubahiro nk'icyo abagatolika bawuha.

c) Uko bimeze ubu muri Kiliziya Gatolika

Ubu amashusho ni ibimenyetso bikoreshwa cyane n'abakristu. Amashusho akoreshwa ni aya : amashusho ya Yezu, amashusho y'Abamalayika, amashusho ya Bikira Mariya n'ay'Abatagatifu.

Ayo mashusho afatwa nk'ibimenyetso. Mu bisanzwe ikimenyetso kigamije gutanga ubutumwa bugira icyo bwungura uwo bugenewe. Amashusho akoreshwa kugirango yunganire ubwenge bw'umuntu mu kurushaho gusobanukirwa n'inyigisho zimugenewe.

Kiliziya nyobozi ari nayo ibumbatiye ubusugire bw'amahame y'ukwemera n'imigendekere myiza y'ibikorwa by'ukwemera (lex orandi, lex credendi), ishyiraho umuyoboro wubahirizwa mu gukoresha amashusho (C.I.C., Canon 838).

d) Amashusho yakunze guhabwa icyubahiro n'abakristu

1. Ishusho ya mbere ya Nyina wa Jambo uko yashushanyijwe na Luka Mutagatifu, Umwanditsi w'Ivanjili ari Antiyokiya.

Mutagatifu Luka Umwanditsi w'Ivanjili, kubera ko mu buhanga bwe yari n'umushushanyi, yakoze ishusho ya Bikira Mariya ahagatiye Yezu. Yayikoze akurikije ibyo Bikira Mariya ubwe yari yamubwiriye hamwe n'intumwa ari umukecuru w'imyaka 70. Yari yababwiye ati : "Rimwe Yezu akiri muto yanyeretse abamalayika babiri bafite ibikoresho by'ububabare bwe".

Dore uko iyo shusho iteye : Yezu yereka Nyina Mariya ibikoresho by'ububabare bifitwe n'abamalayika. Hari umusaraba, imisumari, amacumu,... Iyo shusho yarakunzwe cyane; benshi bakomeje kuyita iya Bikira Mariya Nyina w'Imana. Abagereki bo bayise iya Bikira Mariya Umuyobozi w'Inzira, Abataliyani bo bayise iya Bikira Mariya Umubyeyi w'ubufasha buhoraho. Ubu iri i Roma irindwa n'Abapadiri ba Mutagatifu Alufonsi.

2. Ikirugu

Amateka y'ikirugu atangira kare cyane. Gitangira kuvugwa kuva ku gihe cy'Umwamikazi Helena Mutagatifu. Yakoze urugendo rutagatifu i Yeruzalemu no mu tundi duce twa Isiraheli aza no kugera i Betelehemu ku buvumo Yezu yavukiyemo. Yasabye umuhungu we Umwami Konsitantini kuhubakisha bazilika (Kiliziya yegurirwa Papa) muri 325. Mutagatifu Helena yashoboye kubona ubwo buvumo ari nabwo twita ikirugu ariko ntiyabonamo

akavure Yezu yaryamishijwemo. Yakoresheje ahubwo ak'igiti aba ariko asiga muri icyo kirugu, muri iyo bazilika.

Mutagatifu Yeronimo (375-420) nawe yashoboye gusimbuza ako kavure gakoze mu giti ako yari yakoresheje muri feza. Kugeza na n'ubu ako kavure karacyari muri iyo bazilika y'i Betelehemu yitwa iy'ukuvuka kwa Yezu (Basilique de la Nativité).

Mu kinyejana cya VI, abakoraga ingendo ntagatifu i Yeruzalemu biganaga icyo kirugu: baragikoreshaga bagashyiramo n'ako kavure. Icyo gihe ni nabwo i Roma hubakishijwe ikirugu iruhande rwa Bazilika ya Mariya Mutagatifu yitwa inkuru (Basilique Sainte Marie Majeure). Ibi byabaye nk'uburyo bwo gukwirakwiza ibirugu mu zindi Kiliziya.

Mu kinyejana cya XI nibwo mu bigo by'abamonaki hagiye hubakwa ibirugu. Ikirugu kizwi ubu cyatangiranye na Mutagatifu Fransisiko wa Asizi mu 1223. We yakoze alitari, mu nsi yayo ashyiramo ikirugu n'amashusho tubona ariyo: akana Yezu, Mariya, Yozefu n'amatungo. Yakunze kwigishiriza abantu kuri icyo kirugu no kuri iyo alitari.

Mu 1703, ubwo gucukumbura ibikubiye mu bitabo bitafashwe ko byahumetswe n'umwuka w'Imana (apocryphes chrétiens) byari byitaweho, byatumye abakristu bongera mu kirugu amashusho y'abanyabwenge 3 baje kuramya Yezu (Mt2). Mbese basesenguraga ibyo bitabo bashaka kumenya ukuri ku buto bwa Yezu. Ibitabo byitaweho ni Ivanjiri y'ubuto bwa Yezu uko yanditswe na Tomasi, Ivanjiri y'Abaheburayi n'Ivanjiri ya mbere ya Yakobo. Ibi bitabo bigaragaza ko abaje kuramya Yezu batari abanyamahanga 3 gusa. Bigaragaza ko buri umwe muri abo 3 aribo Melchus, Caspar, Phadizarba yari aherekejwe n'abantu benshi bamushagaye.

3. Amashusho y'inzira y'umusaraba

Umukristukazi witwa Ethérie (Eteri) wo mu kinyejana cya V, mu nyandiko ze z'urugendo rutagatifu yakoreye i Yeruzalemu, niwe utubwira ibyo yahasanze byerekeranye n'inzira y'umusaraba. Aragira ati : "Ku wa gatanu mutagatifu ari nawo munsi wo gusiba byuzuye, abakristu babanzaga gusengera muri Senakulo aho Yezu yamanyuriye umugati ari kumwe n'intumwa. Bahavaga bagana inkingi Yezu yaziritsweho akubitwa. Nyuma bakomerezaga kuri karuvariyo aho Umwepisikopi yazaga afite umusaraba akikijwe n'abadiyakoni 2 batwaye amatara. Icyakurikiragaho ni ukuramya uwo musaraba"(Peregrinatio Aetheriae).

Na nubu abakristu benshi bakora urugendo rwo kujya kureba no gusengera aho hantu hagizwe hatagatifu n'Umwami wacu. Abadashobora kugerayo Kiliziya yabahaye uburyo bwo kuzirikana ububabare bwe. Hari aho usanga barashoboye kwigana inzira y'umusaraba Yezu yakoze n'urupfu yapfuye bagerageje kubyerekanisha amashusho abumbye cyangwa akoze mu byuma (Lourdes en France, Banneux en Belgique, Kabuga et Congo-Nil au Rwanda...). Muri za Kiliziya na Shapeli bahamanika amashusho afasha kuzirikana ububabare bwa Yezu. Inzira y'umusaraba ni uburyo bwo gusenga bushobora gukorwa ku buryo bwinshi.

Muri iki gihe turimo kiganjemo amadini n'utudini, ni ngombwa ko imwe mu misengere y'abakristu gatolika isobanurwa. Ngiyo impamvu nkuru y'iyi nyandiko (1Pet3,15). Gusobanura iby'ukwemera kwawe ni n'uburyo bwo kukurwanira ishyaka no gukomeza abanyantege nke bashobora kugamburuzwa n'ibibazo babazwa n'abo mu yandi madini ku kwemera kwa Kiliziya gatolika.

Bityo rero, abo Kiliziya gatolika yita abatagatifu n'abahire ni bo bumvikanisha neza aya magambo y'ivanjiri agira ati : « Mwebweho ni mube intungane nk'uko So wo mu ijuru ari intungane »(Mt5,48). Ni abahamya b'ibyiza Nyagasani aduhishiye mu munezero udahumuza. Nitubahimbaze tubigana ingiro n'ingendo, tunabasaba ubufasha bwabo ngo twoye gutezuka kuri Yezu Kristu.

Hari n'ibimenyetso bigomba kudufasha muri uwo mugambi aribyo ya mashusho matagatifu. Ababirwanya ni abadashaka kumva icyo bihatse no kwirengagiza nkana ibyo Bibiliya ivuga mu gitabo cy'Iyimukamisiri (Ex28) n'icy'Ibarura (Nb21). Pawulo ati : « Kristu

niwe shusho y'Imana itagaragara »(Kol1,15). Yabaye hano ku isi agaragara ahasiga ishusho ye. Nta gitangaje rero iyo shusho yibutswe igashyirwa mu bimenyetso bigaragara.

Umukristu nta shiti, ashobora kugaragaza mu mashusho ibyo yemera kuko n'ibihe bye bitambutse kure ibya kera. Si bya bindi by'Abayisiraheli bari bugarijwe na Behali, ikigirwamana gikuru cyo muri Kanani n'ibigirwamana by'i Babiloni cyangwa imana n'imanakazi z'Abagereki n'Abanyaroma ku gihe cy'abakristu ba mbere. Gusa ajye azirikana ko abahirwa ari abasengera bose Imana yabo mu kuri no muri Roho (Yh4,24).

Padiri Yohani Damaseni BIZIMANA

IBITABO BYIFASHISHIJWE

- CASTEMAN Jean-Benoît , Réponses aux critiques contre l'Eglise Catholique, Bertoua (Cameroun), 1993.

- PIROGUE n°81, Les Sectes et les autres Eglises nous interrogent, Juin 1991.

- CODE DE DROIT CANONIQUE, Edition bilingue et annotée, Wilson et Lafleur limitée, Montréal 1990.

- LE PETIT ROBERT 2, 4è édition, 107 avenue Parmentier, Paris XIè 1980.

- CASTILLO Fénelon, cours de Liturgie, Nyakibanda 2001-2002.

- CAHIER EVANGILE n°148, Lire dans le texte les apocryphes chrétiens, Ed. CERF, Paris Juin 2009.

ESE BYOSE MBIFITIYE UBURENGANZIRA ?

Biragoye cyane kuri benshi guhitamo gukora ikiri ngombwa. Ubwenge n'ubushake umuntu akorana igikorwa, nibyo bigaragaza ko yaremanywe ubwigenge. Ubwo bwigenge rero umuntu afite bwo gutekereza, kuvuga no gukora, ni bwo abantu basigaye bakoresha nabi. Iyi minsi turimo, usanga abantu bumva ko bashobora gukora ibintu byinshi : ibyo bizeye neza ko bishoboka n'ibyo batizeye. Ikoreshwa nabi ry'ubwigenge muntu yahawe, rituma akora icyo yishakiye bigatuma anyuranya n'ugushaka kw'Imana. Ibibazo tuza gusubiza byose, biratwereka niba koko byose tubifitiye uburenganzira. Biratwereka kandi ko ibyo twibwira ko dufitiye uburenganzira byose bitadufitiye akamaro, akaba atari ngombwa ko byose twihutira kubikora : ese umuntu afite uburenganzira bwo gutekereza ibyo ashaka no kuvuga ibyo ashatse byose ? Ese umuntu yemerewe kumva ibibonetse byose ngo ni uko amatwi afite ntawe bayasangiye ? Umuntu se wibwira ko umubiri ari uwe, ni uwo gukoresha icyo ashaka n'uko ashaka ? Ese kuba ushobora kurya utibye cyangwa udasabirije, bivuga ko uzarya kandi ukanywa ibyo ushaka no ku rugero ushaka ? Kuba umutima ukunda ari uwawe, bivuze se ko wemerewe gukunda uwo wishakiye gusa ? Hari n'abemeza ko ari uburenganzira bwabo gusenga cyangwa se kudasenga ; kugira idini cyangwa se kutarigira ; gutanga ituro rya Kiliziya cyangwa kutaritanga ; kugira neza cyangwa nabi ; kugira abagore ushaka no gutandukana n'uwo mwashakanye uko ushaka.

Ku kibazo kijyanye no kwibaza niba umuntu yemerewe gutekereza ibyo ashaka, igitabo cy'Ubuhanga kiratubwira ko ibitekerezo bitaboneye bicisha ukubiri n'Imana (Buh.1,3). Banatubwira kandi ko abagome bazahanishwa igihano gikwiranye n'ibitekerezo byabo (Buh.3,10). Pawulo intumwa nawe arabwira abanyafilipi ko bagomba kugira mu mitima yabo amatwara ahuje n'aya Kristu ubwe (Fil.2,5). Kumenya ibyo abantu batekereza ntibyoroshye, ariko birashoboka. Burya ngo « Akuzuye umutima gasesekara ku munwa ». Byanze bikunze, ibyo ufite ku mutima bigenda bigaragazwa n'imibereho yawe ya buri munsi. Siniyibagije ko hari n'indyarya zivuga ibidahuye n'ibyo zitekereza ! Bene abo ariko, nabo batamazwa n'iminsi.

Mu buzima busanzwe tuzi ko abanyarwanda bemeza badashidikanya ko akarenze impinga karushya ihamagara. Kandi ngo « Amagambo adakonyaguye ntakwirwa mu ruhago ». Nta muntu n'umwe ufite uburenganzira bwo kuvuga icyo ashatse cyose. Ijambo ry'Imana riraduha igisubizo gikwiye :

-« Ntuzavuge ibinyoma ubeshyera mugenzi wawe »(Ivug.5,20).
-« Ijambo rivugiwe igihe ni nk'ikirezi cya zahabu gitakishije feza » (Imig.25,11).
-« Ntukihutire kubumbura umunwa, maze ngo umutima wawe uhubukire kurogombwa imbere y'Imana,… »(Mubw.5,1).
-« …Mwifate mu mvugo yanyu kugira ngo mudasebanya »(Buh.1,11).
-« Umunwa wawe ntukawumenyereze imvugo iteye isoni, kuko bene ayo magambo ajyana n'icyaha »(Sir.23,13).
-« Iyo umuntu amaze kuvuga, amafuti ye arigaragaza, mbese nk'uko iyo bamaze kugosora, hasigara incenshu »(Sir.27,4).
-« Amagambo muvuze ahore arangwa n'ineza, amere nk'asize umunyu ; uwo muvuganye wese mumenye kumusubiza uko bikwiye »(Kol.4,6).
-« Ntihakagire ijambo ribi riva mu kanwa kanyu, ahubwo hajye hava ijambo ryahumuriza abandi, rikagirira akamaro abaryumva » (Ef.4,29).
-« Nimutegeke ururimi rwanyu »(Yak.3).
-« Wowe rero jya uvuga ibikwiranye n'inyigisho ziboneye » (Tit 2,1).
-« Mujye muvuga muti « Yego » niba ari yego, cyangwa « Oya », niba ari oya ; ibigeretsweho biba biturutse kuri Sekibi »(Mt.5,37).

Uretse rero aya magambo dukura mu byanditswe bitagatifu, tujye tuzirikana ko no mu muco wacu wa kinyarwanda, ijambo rifite agaciro karyo.

Uhawe umwanya mu bandi akavuga ijambo ritomoye, yirinda kuvuga ibyo batamutumye kandi ntagire n'ibyo akuramo, ahabwa agaciro mu muryango kandi akajya agirirwa icyizere aho bamukeneye hose, kubera ko aba ari intyoza mu magambo.

Kumva no kureba ibibonetse byose si ngombwa mu buzima bw'umukristu. Simvuze ngo uzagende uhumye cyangwa uvunire ibiti mu matwi ! Icyo nshaka kuvuga ni ukudata igihe, ureba ibidakwiye kurebwa, no kumva ibidakwiye kumvwa. « Itara ry'umubiri ni ijisho. Niba rero ijisho ryawe ridafite inenge, umubiri wawe wose uzamurikirwa. Naho niba ijisho ryawe ari ribi, umubiri wawe wose uzaba mu mwijima » (Mt.6,22-23). « Niba ijisho ryawe rigutera gukora icyaha, rinoboremo ;…(Lk9,47). « Uwo tugomba gutega amatwi kurushaho ni Uhoraho n'inyigisho ze » (Imig 8,32). Yohani intumwa, we aratubwira ko tugomba gushishoza ibyo tubwiwe (1Yoh4,1). Twahawe amaso abiri n'amatwi abiri. Nyamara umunwa wo ni umwe. Ibi bibereyeho kugira ngo turebe byinshi, twumve byinshi ariko tuvuge bike.

Uwibwira ko umubiri afite ari uwe ko agomba kuwukoresha icyo ashaka n'uko ashaka, ajye yibuka ko yibeshya. Yahawekuwurinda no kutawanduza. Tujye twibuka ko umubiri urarikira ibirwanya roho(Gal.5,17…). Pawulo intumwa ati : « Ubundi se ntimuzi ko umubiri wanyu ari ingoro ya Roho Mutagatifu ubatuyemo, kandi ukomoka ku Mana, maze mukaba nta bubasha mwifiteho ? »(1Kor 6,19). Bityo rero ntawe ugomba kuvuga ko azambara ibyo ashaka n'uko ashaka. « Umugore ntakambare imyambaro y'abagabo ; n'umugabo ntakambare imyambaro y'abagore ; kuko ukora atyo wese aba abaye ishyano Uhoraho Imana yawe yanga urunuka »(Ivug 22,5).

Ikindi tubona, ni uko abantu banezerewe bahamya ko kurya no kunywa ibyo bashaka ari uburenganzira bwabo. Mwene Siraki ndetse na Pawulo bo si uko babibona : « Ntukararikire amaraha yose, cyangwa ngo uhubukire ibiryo, kuko ibiryo byinshi bitera indwara,…(Sir37,29). Pawulo aremeza ko ibiribwa n'ibinyobwa bitagomba kumuziga kandi akabihamya atirengagije akamaro kabyo (1Kor 6,13). « Ari igihe rero murya, ari n'igihe munywa, icyo mukoze cyose, mujye mugikorera guhesha Nyagasani ikuzo »(1Kor10,30).

Iyo utangiye gutoranya abo ugomba gukunda n'abo wanga, uba werekana intangiriro y'ubukozi bw'ibibi, aho bwaturuk hose. Muri iki gihe hari abantu bazakubwira ko nta tegeko ribahana kubera ko badakunda abantu bose, cyane ko ngo batari Yezu, We wakunze bose atarobanuye. Icyitwa agakungu cyose, amarangamutima mu rukundo, ivangura iryo ari ryo ryose, ni umuvumo abantu bikururira. Ngo « Guca ku nda n'indyarya ni ugusigira abana impyisi ugasinzira ». Kandi ngo « Amaboko yanga inda, yapfa akayipfumbata ». Uyu ni umunyarwanda. Ijambo ry'Imana ryo riti : « Hari inshuti zishora umuntu mu kaga, hari n'ishobora kumukunda kurusha umuvandimwe we » (Imig18,24). Yezu nawe ati : « Nimukunde ababanga musabire ababatoteza »(5,44). « Nimwikundira gusa ababakunda, muzahemberwa iki ? Ese abasoresha bo, si ko babigenza ? »(Mt5,46). Luka we aratubwira ko n'abatwanga tugomba kubakunda kandi tukabagirira neza (Lk6,27…).

Ibyo abantu bafata nk'uburenganzira bwabo ntibitinda kubahinyuza. Bagera aho babura ubushobozi, bikababera ikimenyetso cy'uko imibiri biratana batayifiteho uburenganzira bwose. Uwatwite inda y'indaro yumva ko ibyo yakoze ari uburenganzira bwe ! Yibwira kandi ko kuyikuramo nabyo ari uburenganzira bwe ! Aribwira ati : « Ninyikuramo ni njye bigiraho ingaruka, si undi wundi. Nivamo neza ni amahoro. Niramuka impitanye, nijye uri butakaze ubuzima. Hari undi se bireba uretse njye ? » Ubwo agahera ko yungikanya ibyaha. Gusambana ! Kugira imigambi mibisha ! Gukerensa umugambi w'Imana ! Kwica ! n'ibindi byaha byose bibishamikiyeho. Ese buriya iyo urwaye ubasha kwivura ko wumva umubiri ari uwawe ? Nyamara utirukira kwa muganga ni nde ? Ko udashobora guhagarika uburwayi bw'umubiri, uvuga ute ko uwufiteho uburenganzira ? Ni aha buri wese kubitekerezaho.

Tumaze kubona ibyo duhura nabyo mu mubano wacu n'abandi, ni ngombwa ko tuzirikana no ku mubano wacu n'Imana.

Kugira idini no kutarigira, gusenga no kudasenga, ngo ni uburenganzira bw'umuntu ! Ndagira ngo abatekereza batyo mbakurire inzira ku murima ! Gusenga no kugira aho usengera, ni itegeko ry'Imana. Itegeko rya mbere mu y'Imana, riduhamagarira gusenga Imana imwe gusa akaba ari nayo dukunda yonyine. Iri tegeko kimwe n'andi yose uko ari icumi, tuyasanga mu gitabo cy'Iyimukamisiri (Iy 20). None se ntibyaba ari ukwibeshya uramutse uvuze ko kudasenga

ari uburenganzira bwawe ? Imana idusaba gukora imirimo yacu yose mu minsi itandatu, uwa karindwi ukaba isabato y'Uhoraho (Aha mwibuke ko nasobanuye impamvu dusenga ku cyumweru, - nifashishije Ijambo ry'Imana- mu nyandiko yasohotse muri nimero ya 25 y'umusemburo w'ubusabane).

Usenga agomba kugira aho asengera. Birababaza cyane iyo umuntu akubwiye ko icya ngombwa ari ugusenga, ko kujya mu Misa ujyayo igihe ufite umwanya. None se ntimuzi ko mu gitabo cy'Ivugururamategeko, Uhoraho Imana yasabye Abayisiraheli kuzajya bamushakira kandi bakanayoboka aho azaba yihitiyemo mu miryango yose kugira ngo ahature ? (Ivug 12,5…) Ntimuzi na none se ko Yezu ubwe ahamya ko iyo babiri cyangwa batatu bateraniye hamwe mu izina rye, aba ari aho hagati yabo ? (Mt 18,19). None se niba utajya gusenga Imana hamwe n'abandi, izaba hagati yawe na nde ? Umunyarwanda ati : « Usengera Imana ku ishyiga ikagusiga ivu ». Pawulo Mutagatifu nawe arashishikariza Abanyatesaloniki guhora bishimye, basenga ubudahwema, bashimira Imana muri byose, kuko ari byo ibashakaho muri Yezu Kristu (1Tes 5,16).

Umukirisitu gatolika rero, agomba rwose kwirinda ikintu cyose cyamubuza kwifatanya n'abandi gusingiza Imana cyane cyane ku cyumweru. Haba mu byago, mu gahinda, mu bitotezo, mu nzara, mu bukene, mu mitego, yewe n'urupfu ; umukirisitu ntiyakagombye kugamburuzwa ngo bimutandukanye n'urukundo rw'Imana(Rm 8,35). Nanjye nongeyeho ngira nti : « Ntibigatume usiba Missa ».

Iyo washoboye kujya mu Misa, nibwo wumva ko gufasha uwo ushaka no kutagira uwo ufasha atari uburenganzira bwawe. Mwene Siraki mu magambo akakaye aratwereka ko tutagomba kwima umukene icyamutunga, ko atagomba guhora aduhanze amaso, ko ushonje tutagomba kumushavuza cyangwa ngo turakaze umutindi,…(Sir 4,1-10). « Uha abakene ntazigera akena, ariko utabareba azavumwa cyane (Imig 27,28). « Ugira neza aba yitega iminsi, maze yasumbirizwa akabona kiramira »(Sir 3,31).

Gutanga ituro rya Kiliziya ni itegeko ry'Imana, si uburenganzira bw'umuntu. Na mbere y'uko Imana yigira umuntu muri Yezu Kristu akaza kuducungura, gutanga icya cumi byari itegeko ry'Imana. Mu gitabo cy'Ivugururamategeko, gutanga icya cumi buri mwaka na buri myaka itatu, bigomba gukorwa n'uwemera Imana wese kandi akaba agomba kugira n'aho agitangira. Nta handi rero uretse kujya imbere y'Uhoraho Imana yawe, ahantu azaba yihitiyemo ngo ahatuze izina rye (Ivug 14,23…).

Kuba ubana n'umugore wishakiye cyangwa umugabo washatse, ntibisobanuye ko mufite uburenganzira bwo gutandukana uko mwishakiye. Abandi bagabo ngira icyo mbwira, ni abavuga ko kugira umubare w'abagore ushaka ari uburenganzira bwabo, ngo icya ngombwa ni uko baba bafite ibyo bazabatungisha ! Gutandukana n'uwo mwashakanye ni ukwica itegeko ry'Imana : «…umuntu wese wirukanye umugore we – uretse iyo babanaga bitemewe n'amategeko – kandi akazana undi, aba asambanye »(Mt 19,9). « Nicyo gituma umugabo asiga se na nyina, akizirika ku mugore we, bakaba umubiri umwe »(Intg 2,24). Pawulo intumwa abitubwira mu magambo yumvikana neza ati : « Ariko kugira ngo mwirinde ingeso mbi, buri mugabo nagire umugore we, na buri mugore agire umugabo we »(1 Kor 7,2).

UMWANZURO

Nk'uko mubibona, nifuje ko umuntu wese umaze gusoma iyi nyandiko, yagenda arushaho kuryoherwa no gusoma Ijambo ry'Imana, kandi akayoborwa na ryo. Ushobora kwibaza niba guhara ibyo ufitiye uburenganzira bishoboka ? Nkubwiye ko bishoboka cyane rwose. Pawulo Mutagatifu yabigezeho kandi natwe arabidushishikariza. « N'ubwo afite uburenganzira bwo kurya no kunywa, bwo kugendana n'umugore bahuje ukwemera n'ibindi, we na Barinaba banze kugira uwo barushya maze barabihara byose. N'ubwo kandi yigenga kuri bose, yahisemo kwigira umugaragu wabo (1 Kor 9).

Niba ugira ubunebwe bwo kujya gusingiriza Imana mu ngoro yayo ntagatifu, ubona Yeruzalemu nshya uzayitaha ute ? Ese wibuka ko igihe Yezu azimiye, Mariya na Yozefu bari

bagiye gusengera i Yeruzalemu ? Wibuke ko Yezu ubwe ari Imana ! Bagiye gusenga kugira ngo bitubere urugero rw'ibyo tugomba gukora ku munsi wa Nyagasani.

« Iteme umugabo azambuka yakennye aritinda agitunze ». Nawe rero ugifite ubuzima, nakubwira ngo haranira kubahiriza itegeko ry'Imana. Kubaho uko ushatse ntibigeza ku butungane. Burya ngo « Inyama y'isha iribwa n'abirutsi » ! Kunogera Imana bisaba kwemera no kuba wababara igihe bibaye ngombwa. Kugira ngo uzaronke ubugingo bw'iteka, ni ngombwa kwemera ko utihagije. Kristu ni umuzabibu, tukaba amashami (Yh15,1…). Ngo « Inyoni iraguruka ikisunga igiti ». Twisunge Yezu Kristu we dukesha ubutungane atwiyoborere. Nitwumva ko twihagije, tuzamera nk'ishami ritari ku muzabibu maze ntiribe rigishoboye kwera imbuto.

« Tumenye ko niba dukomeje gucumura tubishaka, kandi twaramenyeshejwe ukuri kose, nta gitambo kindi gisigaye cyo guhongera ibyaha byacu ; ahasigaye ni ugutegereza urubanza rukaze n'inkongi y'umuriro uzatsemba ibyigomeke (Heb 10,26-27). Aya magambo nsorejeho si ayo kudukura umutima, ahubwo ni aduhamagarira guhora turi maso kugira ngo tutazagwa mu ruzi turwita ikiziba.

Bikira Mariya Umubyeyi w'Abakene ahore adusabira kandi adufashe gutahura imitego yose ya sekibi ushaka kudutandukanya n'Imana Umubyeyi wacu.

Fratri René Claude HAKIZIMANA.

Kubahiriza igihe ni imwe mu ndangagaciro z'umuntu uhamye. Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo nawe, igihe abaseminari bakuru bari bateraniye ku Nyundo, kuva tariki ya 27 kugeza ku ya 29 Nzeri 2011 bitegura gusubira ku masomo, yagize ati "Kubahiriza igihe (ponctualité) ni ngombwa cyane mu buzima bw'umuntu, cyane cyane uwitegura kuba umusaserdoti, kuko ari ukwiyubaha." Iyo abanyarwanda baca umugani ngo "Aho imfura zisezeranye ihatanze indi irahaborera", baba babitewe n'agahinda kenshi ko kubona abantu bica umugambi bahanye na bagenzi babo kubera kutubahiriza isaha bumvikanye. Muri iki gihe, abantu basigaye bakoresha itumanaho bakabeshya. Twibuke ko ha mbere itumanaho ritarabaho mu Rwanda, abantu bakoraga urugendo rurerure n'amaguru kugira ngo bashobore kubahiriza gahunda z'abo basezeranye. Birumvikana rero ko iyo uwo mwasezeranye yabaga atahagereye igihe wahababariraga. Ibyo rero ntibyarangiye, uretse ko byahinduye isura. Gukora ibintu ku gihe cyabyo biracyari ikibazo ku bantu b'ingeri zose. Ntitwabura ariko kuvuga ko hari abagerageza kubahiriza igihe ! Abo ni abo gushimirwa.

Ni ngombwa rero gutekereza ku bintu bimwe na bimwe bishobora gutuma abantu bakererwa cyangwa bica gahunda. Turaza kandi kubona ko bibagiraho ingaruka bo ubwabo, ndetse no ku bandi. Ibi biradufasha gufata ingamba zo kurenga imyumvire ya bamwe na bamwe bahemuka nkana.

Zimwe mu mpamvu zatuma abantu bakererwa

Igihe gishobora kutubahirizwa mbere cyangwa nyuma yo gutangira igikorwa. *Kwitwaza amasaha y'abirabura* muri uru Rwanda byabaye impamvu yo gukererwa. Isaha mwahanyeho gahunda umuntu agira atya akarenzaho indi imwe cyangwa abiri ngo ni amasaha y'Abirabura! Ese koko hari isaha y'abazungu hakaba n'iy'abirabura ? Oya. Ahubwo ni ikibazo cy'imyumvire mibi yo gukomeza kwipfobya bumva ko abagira gahunda ari abazungu gusa, naho ku birabura bikaba bidashoboka.

Ubujiji cyangwa kuba utazi kubara isaha bishobora gutuma umuntu akererwa. Hari abiyemeje kujya barebera igihe ku izuba ! Ese iyo ritavuye bigenda bite? Iyo ryavuye se bwo ni iki kigaragaza ko ibyo ureba bihuye neza n'icyo ikibarisho rusange cy'igihe cyerekana ? Kubara amasaha kuri ubwo buryo ni ukubyirinda kuko bishobora gutuma wibeshya ugakererwa. Sinirengagije ko hari abatagira amasaha bitewe n'ubukene. Abo ariko nabo nta mpamvu nimwe yo gukererwa bakagombye gutanga, kuko ntawe uba yababujije kubaza igihe abayafite.

Kudashyira umutima ku gikorwa giteganyijwe gukorwa : abantu benshi ni ba birihanze. Bemeza ko igikorwa kizakorwa n'igihe kizakorerwa, ariko ntibafate akanya na gato ko kugitekerezaho. Burya ngo"Nta muzindutsi wa cyane watashye ku mutima w'undi!" Abantu ubabwira igihe igikorwa kizakorerwa bakakwikiriza, ariko umutima uri ahandi. Uretse rero kuba utanakererwa, igikorwa udashyizeho umutima, ntushobora no kwibuka ko gihari.

Kubana n'abantu batubahiriza igihe : umuntu usanzwe yubahiriza igihe, iyo ageze ahandi agasanga icyo kintu batagikozwa, ahitamo gukora nkabo. Nyamara siko yagombye kubyitwaramo kuko burya iyo ikintu ubwacyo ari cyiza, nta mpamvu n'imwe igomba kukubuza kugikora. Kwica ikintu kubera ko abandi bacyica si umuco, ahubwo navuga ko ari ugukora buhumyi. Ibyiza ni ukugikora maze ababinaniwe bakaboneraho ko nabyo bishoboka.

Kutagira gahunda ugenderaho buri munsi bitera umuntu gukora mu kajagari. Ubundi uko bwije n'uko bukeye, umuntu yagombye kuba azi ibyo azakora ku munsi ukurikiyeho. Ku muntu rero ufite abo ashinzwe, ni ngombwa guha agaciro iki kintu. Si byiza guha abantu barenze umwe gahunda ku isaha imwe. Byanze bikunze haba harimo umwe uri buhemukirwe kuko utashobora kubakira no kubumva icyarimwe. Na none kandi, uzi kuba uzi neza ko hari gahunda isanzwe izwi neza, maze umuntu utarigeze agusaba umwanya uboneye wo kuza kukureba, agatuma uhemuka kubera kumwakira igihe cyose abishakiye ? Naramuka aje inama igiye gutangira uzayikererwa! Misa niba igiye gutangira nayo uzayikererwa! N'izindi gahunda zose wari ufite ushobora kugira igishuko cyo kuzikererwa, kubera ko wakiriye abaje bagutunguye. Ku muntu usanzwe uzwi ko agira gahunda, ibi ntibishobora kumubaho kuko na rubanda ruba ruzi ko buri kintu yakigeneye umwanya wacyo.

Kudashobora kugenera buri gikorwa umwanya wacyo ukurikije ibiteganyijwe ku munsi: umuntu wubahiriza igihe ntabwo akora ibintu mu kajagari. Agira icyo abanza n'icyo aheruka. Nta kintu na kimwe wakora ngo kirushe agaciro ikiri kuri gahunda. Aha munyumve neza, kuko hari gahunda ishobora guhinduka bitewe n'impamvu zimwe na zimwe nk'urupfu. Birumvikana ko atari impamvu ibonetse yose.

Kubaho ntacyo witaho: Uko ibihe byagiye bisimburana kugeza n'ubu, hagiye habaho kandi hariho abantu batagira icyo bitaho. Akenshi babaho ari ba ntacyobitwaye, ntacyo bakiza yewe n'ibyo bishe ntibamenya ko byapfuye. Barangwa kandi no gukora gusa igikorwa cyageze ku munsi. Nta mwanya baba bafite wo gutekereza ku gikorwa kitakozwe neza ngo bashake uburyo n'umwanya uboneye wo kugikosora. Iyo utagira icyo witaho, ntushobora kubahiriza igihe, kugira gahunda byo ni kure kubi.

Kumenyera kwibutswa: Akenshi iyo abantu bakirerwa, bagerageza kubahiriza igihe, kubera ko baba bafite ababibutsa. Nk'uko ariko byagiye bigaragara, hari mu by'ukuri abibutswa aka wa mwana basiga yinogereza. N'iyo atakirerwa, agerageza kwiyibutsa kandi akubahiriza igihe cyane cyane ko biba bimurimo atari ibyo bamuteyemo gusa. Unanirwa kwibwiriza ni wa wundi utarigeze na rimwe akora umwitozo wo kwiyibutsa. Bene uwo rero ntabwo ashobora kubahiriza igihe.

Ubunebwe: Abanebwe baba bazi neza ko gahunda y'igikorwa ihari, ariko igihe cyagera bakiganyiriza. Kubadukana ibakwe ni umwitozo ureba buri wese. Ndagenda mu kanya, igeza kuri "utajyayo yaba iki ?" Ndabikora mu kanya yo ishyira nabiburiye umwanya! Uretse kuba ubunebwe bwagutera guhemuka ni n'indwara ikwiye kuvuzwa.

Icyubahiro: Umuntu ashobora kwitwaza icyubahiro afite bikamutera gukererwa. Bishobora ariko no kuva ku gasuzuguro agirira abo afiteho ububasha cyangwa abo arusha amaboko. Kuvuga ngo bahagere bantegereze si njye ugomba kubategereza, ni ugusuzugura abandi. Hagerere igihe giteganyijwe ibindi si ikibazo cyawe.

Birashoboka ko wubahiriza igihe cyo gutangira igikorwa, ariko igihe kirangirira ntucyubahirize. Byaterwa n'impamvu nyinshi zirimo no kudategura. Iyo ufite inama ugomba kuyobora, ugomba no gufata umwanya ukayitegura. Ni ngombwa kumenya igihe iri butangirire n'igihe irangirira. Gutegura neza ibyo ugeza ku bandi, byakurinda ikintu cyose cyaguteranya n'abandi. Iyo wateguye bikurinda *kwiharira ijambo*. Uvuga ibyo ugomba kuvuga, ibitari ngombwa ukabireka. Ibi mvuga ntibireba inama gusa, bireba n'abarimu mu mashuri, abatanga inyigisho nyobokamana n'abandi. Iyo utateguye, wiha gusobanura ibintu bitagira intangiriro n'iherezo. Usubira mu byo wavuze utabizi, maze bikakubera impamvu yo guta igihe. *Ibitekerezo n'ubwenge bitari ku murongo* nabyo bishobora gutuma umuntu atubahiriza igihe. Abenshi iyo batanga inyigisho zabo bibwira ko kuvuga menshi ari ko kumvikanisha icyo ushaka kugeza ku bandi. Nyamara burya uko ugenda uvuga amagambo menshi, ni nako ukora amakosa menshi. Amagambo agira agaciro iyo buri ryose muri yo rifite akamaro n'icyo rishaka kungura abandi. Ibintu bishobora kuba byinshi, ariko ukabivuga mu gihe gito. Iyo urambiranye, n'ubwo waba uvuga ibintu byiza, abo ubwira barananirwa ntibabe bakiguteze amatwi, kandi ukaba wagira n'abo upfukirana kandi bashoboraga gutanga ibitekerezo byubaka.

Zimwe mu ngaruka zo kutubahiriza igihe

Umuntu ku giti cye

Kutubahiriza igihe birananiza, kubera ko hari ibintu bimwe ushaka gukora mu mwanya utari uwabyo ubitewe n'uko bije bigusatiriye. Ujya ku nkeke, ugahangayika, cyane cyane iyo bigeze ku munota wa nyuma, wibwira ko ibyo uri bukore utari bubirangize; kubera ko uba ubona hari ibyo wagombye kuba warakoze mbere utakoze, ukaba uri kubikora ako kanya kandi hari n'ibindi bigutegereje.

Kutubahiriza igihe bitesha agaciro n'icyubahiro. Baragusuzugura, kuko burya ngo "Uwigize agatebo ayora ivu". Uretse kandi no gusuzugurwa, ni no gutanga urugero rubi ku bo ushinzwe no kubakubona. Ngo "Uwiba ahetse aba abwiriza uwo mu mugongo". Abashinzwe abandi bakwiye kujya bazirikana ko baba barebwa na benshi, navuga ko ari indorerwamo. Mu

byo rero bakwiye kwirinda, no kwigisha abantu gukererwa birimo; iyo utabiharaniye bituma na none witwa *indangare n'umunebwe*. Ni ibyo kwirinda mu buzima bwa buri munsi.

Nta musaruro w'umuntu utubahiriza igihe. Akenshi uba muke ugereranyije n'uwari utegerejwe. None se niba ibintu bikubanye byinshi kandi biturutse ku kutubahiriza gahunda, uzatanga uwuhe musaruro? Ibikorwa byose washobora gukora biba nk'aho ari ukwikiza, nta mutima ubibamo.

Zimwe mu ngaruka zigera ku bandi bantu

Gukererwa bibabaza abagutegereje. Iyo abantu bagutegereje igihe kirekire bakakubura, bararakara kandi kubabaza no kurakaza umuvandimwe ni uguca ukubiri n'Ivanjiri. Ikindi kandi tugomba kumenya, ni uko iyo wakerereje abantu mwari mufitanye gahunda, uretse kuba wabahemukiye, ushobora gutuma nabo bagira ibindi bica cyangwa bagahemukira abo bari bafitanye gahunda nyuma y'iyawe.

Kutubahiriza igihe k'umuntu umwe, bigira ingaruka ku bandi. Iyo ubana n'abantu utubahiriza igihe, nabo babaho nk'uko ubayeho. Mu yandi magambo, bamera uko ubagize cyane cyane iyo uri umuyobozi wabo. Iyo utakibana nabo, uragenda bagasigarana bya bindi wabamenyereje, maze haza undi wubahiriza igihe bikamugora kubagarura ku murongo. Murumva rero ko uba warabahemukiye ukanahemukira n'ugusimbuye aho hantu cyangwa kuri ubwo buyobozi. Kubwira abantu babanje kukwijujutira ni uguta inyuma ya huye. Bagutega amatwi bya nyirarureshwa kugira ngo ubone ko bahari, ariko akenshi ntacyo batahana. Gutaha ntacyo wungutse kandi aricyo cyari cyakuzinduye, ni ukuguhemukira!

UMWANZURO

Mbere y'igihe si igihe na nyuma y'igihe si igihe. Gukora ibintu ku gihe cyabyo, mu mwanya wabyo kandi neza bitera kwishima no kwigenga. Iyo koko ugira gahunda, wirinda gukora igikorwa mbere y'igihe wumvikanye n'abandi cyangwa nyuma yacyo. Mu ijambo Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo yavugiye muri paruwasi ya Murunda ku wa 6 Kanama 2011, igihe hari hatangiwe Isakaramentu ry'Ubusaserdoti ku rwego rw'Ubupadiri, yasabye abasaserdoti bose kugira "agenda". Mu yandi magambo yabasabye kugira gahunda y'ibikorwa bakora buri munsi. Kandi nibyo koko abenshi barayigira! Nta handi rero bakura uwo muco mwiza uretse mu burere bahabwa kuva mu i seminari ntoya kugeza mu i seminari nkuru. Ni ikintu batozwa cyane kandi bakaba bagikomeyeho.

Kudakererwa no kugira gahunda bijyana no kutigwizaho imirimo yose, kandi hari abashobora kugufasha. Ni byiza ko umuntu akora ibyo ashobora kurangiza neza, akirinda kuvuga ngo biriya ntabikoze ntibyabona ubikora neza cyangwa ngo byapfa. Nta muntu kamara ubaho !

Abakiri bato rero ni ahacu. Umwitozo wo kubahiriza igihe no kugira gahunda, tuwukore kenshi tugifite imbaraga, kuko « Akabando k'iminsi ugaca hakibona ». Ndagira ngo nibutse abiga mu i Seminari nto ya Nyundo ndetse n'abahize bose cyane cyane abigishijwe, n'abigishwa na Musenyeri NGIRABANYIGINYA Dominiko, ko nta mpamvu n'imwe yo gutsindwa n'uyu mwitozo. Ubunebwe, ubujiji, ubwikanyize, kutagira icyo witaho, kutabadukana ibakwe n'ibindi, ntibakavugwe ku bantu barezwe neza. Twese, buri wese ku rwego rwe, duharanire guhesha ishema abarezi bubahiriza igihe bakaba barabidutoje. Isengesho niritubere akabando kuko uyobowe naryo aharanira gukora igitunganye.

Fratri René Claude HAKIZIMANA
Seminari Nkuru ya Nyakibanda

ITANGIZWA RYA PARUWASI NSHYA YA KABAYA

Tariki 02/10/2011 Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, S.J, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, yatangije ku mugaragaro Paruwasi nshya ya Kabaya aha n'Isakaramentu ry'Ugukomezwa abakristu bagera kuri 541.

Umwepiskopi ni we wayoboye igitambo cya Misa. Yari akikijwe n'abapadiri 11 ba Diyosezi ya Nyundo, barimo abapadiri batatu bavuka muri Paruwasi ya Kabaya aribo : Padiri Evariste DUKUZUMUREMYI, Padiri IRIVUZUMWAMI Denys na Padiri BAHATI Pascal.

Hari kandi Abihayimana bo mu Miryango itandukanye, Intumwa za Rubanda (Abadepite), Abayobozi ba Leta mu nzego zitandukanye, Umuyobozi wa Police Station ya Kabaya, Umuyobozi w'Ingabo mu Karere ka Nyabihu n'uw'Akarere ka Ngororero, abakristu benshi ba paruwasi ya Kabaya, abakristu baturutse mu ma paruwasi atandukanye yo muri Diyosezi ya Nyundo, Diyosezi ya Ruhengeri, Diyosezi ya Kigali n'ahandi.

Igitambo cya Missa

Mu gitambo cya Missa habereyemo imihango ibiri : " uwo gutangiza ku mugaragaro Paruwasi nshya ya Kabaya no gutanga Isakaramentu ry'Ugukomezwa. Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, yasomeye abakristu icyemezo cyo gutangiza paruwasi nshya ya Kabaya. Ashingiye ku bubasha yahawe (CDC 515 na 518) no ku nshingano afite zo kwita ku bakristu ashinzwe; yafashe icyemezo cyo gutangiza paruwasi nshya ya Kabaya ifite icyicaro mu Murenge wa Kabaya, Akarere ka Ngororero. Iyo Paruwasi nshya igizwe n'inama eshatu za santarari ya Kabaya, inama enye za santarali ya Muhanda, inama cumi na zirindwi za santarari ya Gaseke, inama eshatu za santarari ya Muringa n'inama eshatu za santarali ya Murambi. Ni ukuvuga ko Paruwasi ya Kabaya izafata igice cya Paruwasi ya Rambura n'igice cya Paruwasi ya Muramba.

Paruwasi nshya ya Kabaya yaragijwe Bikira Mariya utasamanywe icyaha (Immaculée Conception), twizihiza buri mwaka ku itariki ya munani y'ukwezi k'Ukuboza. Yabwiye abakristu ati : "Bakristu ba paruwasi nshya ya Kabaya, nimwisunge uwo Muziranenge, Umutoni w'Imana, azabatoze kunogera Imana mu buzima bwanyu. Mufatane urunana mwubake paruwasi yanyu, muyiteze imbere namwe mwiteza imbere, maze ubukristu butubyarire ubuvandimwe nyabwo nk'uko intego ya Sinodi idasanzwe ya Diyosezi yacu ibidusaba."

Nyuma y'uwo muhango, Umwepiskopi yeretse abakristu Padiri Théophile NIYONSENGA, Padiri Mukuru w'iyo Paruwasi nshya yavutse, amuha imfunguzo za Kiliziya n'iza Taberenakuro, abereka na Padiri Innocent TUYISENGE, Padiri Vicaire, abasaba gukorana neza, gutanga urugero rwiza no gukenura intama baragijwe.

Chorale Mpuzamakorari yadufashije guhimbaza igitambo cya Misa, mu ndirimbo nziza cyane zijyanye n'uwo munsi udasanzwe.

Inyigisho y'Umwepiskopi

Yabajije abari biteguye guhabwa Isakramentu ry'Ugukomezwa niba bemera ko Roho Mutagatifu bagiye guhabwa ari wa wundi wahawe abigishwa ba Yezu Kristu. Bose bavuze ko babyemera. Yarababwiye ati: "*Mugiye guhabwa Roho w'ubwenge n'uw'ubutwari".* Akomeza avuga ko uwahawe Roho Mutagatifu aba intumwa ya Yezu Kristu, yamamaza urupfu n'izuka bya Yezu Kristu kuko aba abaye umwana w'urumuri, aba agomba rero guca ukubiri n'ibikorwa by'umwijima bityo ntagira isoni n'ipfunwe ryo kwerekana ko ari umukristu aho ari hose. Yatanze ingero nyinshi z'abantu bayobowe na Roho Mutagatifu, beze imbuto z'urukundo. Bagaragaje ubutwari n'ubutungane. Mu ngero yatanze harimo: Abahowe Imana b'i Bugande, Mama Annuarite, Félicité NIYITEGEKA n'abandi. Mbere yo gutanga umugisha usoza Igitambo cy'Ukaristiya, Umwepiskopi yahaye Paruwasi ya Kabaya Ostensoir, abashishikariza kuzajya bashengerera Yezu mu Ukaristiya.

I*birori*

Igitambo cya Misa gihumuje, twerekeje ahari hateguriwe ibirori, maze itorero rya Kabaya ryakira abashyitsi mu ndirimbo n'umudiho byiza. Nyuma hakurikiyeho kwerekana abashyitsi. Padiri Théophile NIYONSENGA na Bwana Patrick UWIHOREYE, Umunyamabanga

Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kabaya, batweretse abashyitsi. Cyakora ikirere cyaradutengushye maze biba ngombwa ko gahunda zihutishwa.

Hakurikiyeho ijambo ry'umukristu uhagarariye abakristu ba paruwasi ya Kabaya atubwira amavu n'amavuko n'imiterere ya paruwasi ya Kabaya. Itangiye ifite abakristu ibihumbi 15.778, bibumbiye mu ma santarali atanu. Ifite kandi ibigo 10 by'amashuri abanza, ibigo 2 bifite icyiciro cy'amashuri abanza mu burezi bw'ibanze n'amashuri y'incuke 2. Mu bwitange bw'abakristu ba paruwasi Kabaya, bubatse icumbi ry'abapadiri ryatwaye 10.783.800 Fr.

Ijambo ry'Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo

Mu ijambo rye, yashimiye abakristu ubwitange bagaragaje mu gutegura itahwa rya paruwasi ya Kabaya. Abashimira n'ubwitange berekanye mu kubaka icumbi ry'agateganyo ry'abapadiri. Akomeza abararikira gukomeza guhuza imbaraga biyubakira paruwasi yabo.

Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, yasabye abari aho kwita ku rubyiruko nk'imbaraga n'amizero y'Igihugu na Kiliziya. Yabasabye kwita ku mashuri ya Kiliziya Gatolika akorera muri paruwasi ya Kabaya. Ni ngombwa kwita kuri bariya banyeshuri kuko byagaragaye ko bahura n'ibibazo byinshi birimo gutwara inda no kwiyahura mu biyobyabwenge. Yavuze ko nta burenganzira bafite bwo konona ubuzima bwabo kubera ko ababyeyi bababyaye Igihugu na Kiliziya babakeneye. Nibirinde ababashuka bafite inyungu zabo zinyuranye.

Amagambo yavugiwe mu nzu yakiriwemo abashyitsi

Mu magambo yahavugiwe, ari Meya w'Akarere ka Nyabihu, Visi Meya w'Akarere ka Ngororero, n'Intumwa ya Rubanda mu izina rya bagenzi be bari aho, bose bagiye bagaruka ku bufatanye buranga amadini na Leta ku buryo bw'umwihariko Kiliziya Gatolika mu nzego z'uburezi, ubuvuzi, imiyoborere myiza n'iterambere ry'abanyarwanda muri rusange. Bakomeje kugaragaza ukuntu amadini na Leta bahuza ingufu mu kubaka Igihugu.

Padiri Mukuru wa paruwasi nshya ya Kabaya yashimiye abivanye ku mutima uburyo inzego za Leta zinyuranye zidahwema kumuba hafi. Yashimiye kandi abakristu ba paruwasi ya Kabaya bakorera i Kigali, Ruhengeri, i Gisenyi n'ahandi. Abashimira igitekerezo bagize cyo gushinga imiryango-remezo ishamikiye kuri paruwasi ya Kabaya.

Hakurikiyeho ijambo ry'Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, yashimiye abakristu igikorwa cyiza bakoze cyo kubakira icumbi abapadiri ndetse n'ibindi bikorwa binyuranye badahwema kugaragaza, akomeza avuga ibyo Diyosezi ya Nyundo imaze kugeraho mu kwiteza imbere: harimo gusana paruwasi zari zarasenywe mu 1994. Umwepiskopi yabwiye abari aho gahunda y'imyaka icumi Diyosezi ya Nyundo yihaye (2005-2015). Muri izo gahunda harimo gutangiza paruwasi nshya: paruwasi ya Gisovu (2007), paruwasi ya Gatovu (2008), na paruwasi ya Muhato (2009). Uyu munsi yatangije paruwasi ya Kabaya (2011). Harimo no gushakisha icyateza imbere Diyosezi nko kuvugurura no kwagura Home St.Jean Kibuye na Centre d'Accueil St.François Xavier Gisenyi. Yakomeje abwira abari aho ko igihe kigeze kugira ngo abakristu bumve ko ubuzima bwa Kiliziya bubashinzwe, ko bagomba kuyiteza imbere, ariyo mpamvu hatangiye kubaho gucutsa za paruwasi zimwe na zimwe bigaragara ko zifite ubushobozi. Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yabwiye abari aho ko igihe cyo gusabiriza cyigomba kurangira kuko n'abafasha Kiliziya Gatolika bo hanze bagenda bagabanuka : bamwe barashaje abandi bataye ukwemera. Tugomba rero kwishakamo ubushobozi bwo kwitunga, gutunga abapadiri no kubaka paruwasi.

Nyuma y'iri jambo rya Nyiricyubahiro Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, Padiri Mukuru wa paruwasi ya Kabaya yadusabiye Umwepiskopi umugisha, nyuma dusezeranaho turataha. Abantu bose bari bitabiriye uwo munsi, batashye bishimye, kubera ukuntu wari uteguwe n'uruhare abakristu babigizemo kugira ngo uwo munsi urangire neza. Bashimye kandi umubano uri hagati y'inzego zinyuranye za Leta, za Police n'iza Gisirikari zikorera muri ako Karere. Mboneyeho nanjye umwanya wo gushima abakristu ba paruwasi ya Kabaya ubutwari n'ishyaka mugaragaza igihe cyose muteza imbere paruwasi yanyu. Mbifurije umugisha n'amahoro, Bikira Mariya Utasamanywe icyaha abane namwe.

Régine UWAMAHORO / Paruwasi Nyundo

TUMENYE BIMWE MU BIKORERWA MU NYAKIBANDA

"Umugabane negukanye uranshimishije, umunani nahawe uranejereje"(Zab 16(15),6)

Bavandimwe, nk'uko mumaze iminsi mubyumva kuri Radiyo cyangwa se mwumva abantu babiganiraho cyane bahereye kuri Zaburi igira iti mu Busaza bwayo iracyabyara, aha nta kindi bavugaga uretse Nyakibanda Iseminari Nkuru irererwamo abazaba abasaserdoti iri mu nyiteguro ya Yubile y'imyaka mirongo irindwi n'itanu imaze mu Kibaya cya Nyakibanda. Akaba ariyo mpamvu twifuje kubagezaho bimwe mu bikorerwa mu Nyakibanda cyane cyane bikorwa n'abaharererwa (abadiyakoni n'abafaratiri), twajyaga kuvuga byinshi duhereye ku mateka ya Seminari ya Nyakibanda ariko ibyo Abepisikopi bacu babivuze mu Ibaruwa bageneye abakristu bose kuwa 28 Ukwakira 2011, aho bibutsaga umwanya wa Seminari mu butumwa bwa Kiliziya Gatolika mu Rwanda.

Twebwe rero tuzibanda ku Rugaga rwa Mutagatifu Pawulo (Cercle Saint Paul), aho abarererwa mu Nyakibanda bagaragariza impano zabo zitandukanye, bikubaka nyirubwite na bagenzi be babana ndetse kandi bakanazisangiza abakristu bose muri rusange bityo ubuzima bukarushaho kugenda neza mu mushyikirano wacu n'Imana twese nk'abakristu, ibi turabigezwaho neza mu kiganiro uhagarariye urwo Rugaga yagiranye n'Umunyamakuru wa Radiyo Mariya Rwanda ku itariki ya 04 Ugushyingo 2011, ubwo Seminari yacu ya Nyakibanda yizihizaga Bazina bayo Mutagatifu ariwe Karoli Boromewo ndetse nyuma tuzabagezaho n'ibijyanye n'akanyamakuru k'Abafratri banyuzamo impumeko zabo bakazisangiza n'abandi bifashishije ubuhanga bwa Tewolojiya baba bakura muri uru rugo, kakaba kazwi ku izina ry'URUNANA. Reka rero turebere hamwe icyo kiganiro kiraduha kumva neza ko iyo abafratri baje mu Nyakibanda baba bataje kwiga gusoma Misa gusa nk'uko bamwe babivuga, ahubwo ko hari n'ubundi bukungu bashyira hamwe bugafasha ababukoresha.

Dore icyo kiganiro kuri Radiyo Mariya Rwanda uko giteye.

Umunyamakuru: *1. Wakwibwira muri make abateze amatwi Radiyo Mariya Rwanda muri aka kanya.*

Uhagarariye Urugaga: R/ Nitwa Athanase KOMERUSENGE. Niga mu mwaka wa gatatu wa Tewolojiya, hanyuma kandi muri uyu mwaka abaseminari bagenzi banjye turi kumwe mu Rugaga rwa Mutagatifu Pawulo bifuje ko nabarangaza imbere, kugira ngo turusheho kurangiza umugambi w'Imana muri twe ndetse no mubo dutumweho.

2. Ubu ni wowe uhagarariye Urugaga rwa Mutagatifu Pawulo mu Nyakibanda. Ese watubwira muri make urwo Rugaga icyo ari cyo, ibikorwa byarwo ndetse n'abarugize ?

R/ Urugaga rwa Mutagatifu Pawulo ni ihuriro ry'abaseminari bakuru b'i Nyakibanda bagamije gukoresha impano zitandukanye Imana yabahaye kugira ngo Inkuru Nziza ya Yezu Kristu icengere umuco nyarwanda ndetse n'Afrika yose muri rusange, kandi igere ku bantu benshi bashoboka. Hanyuma ikindi navuga ni uko rwatangiye mu mwaka w'1950. Kuva icyo gihe rwagiye rwiyubaka buhoro buhoro ndetse rugahura n'ibibazo by'ingutu, ariko kubera imbuto Nyagasani yari arutegerejeho ntiyari kureka ruzima. Kugeza ubu tugendera ku mategeko yavuguruwe kandi ashyirwaho umukono kuwa 31/05/1970. Kugira ngo tugere kuri izo ntego rero, dukorera mu mashami atandukanye hakurikijwe impano za buri wese nk'uko nabivuze ntangira, hanyuma tukagira komite mpuzabikorwa igizwe na Perezida, Umunyamabanga n'Umubitsi. Ubu rero dufite amashami 9.

*Hari *Itorero Akanyuzo* : iri torero ribyina imbyino nyarwanda. Risusurutsa Iseminari rikanafasha abayibamo guhimbaza ibirori, gukesha igitaramo cyane cyane ku minsi mikuru.

**Abanyabugeni* : abagize iri shami bibanda cyane cyane ku mitako inogeye ijisho itegurwa ku buryo buhoraho hirya no hino mu mazu y'urugo rwacu. Banategura kandi imitako idasanzwe mu gihe cy'iminsi mikuru.

**Bibiliya na Liturijiya* : abagize iri shami bihatira gufasha abakristu gusobanukirwa no gukunda Bibiliya nk'Ijambo ry'Imana, ifunguro rya roho zacu n'itara rimurikira intambwe zacu mu buzima bwa buri munsi. Ikindi ni uko bafasha abakirisitu guhimbaza Liturijiya neza kugira ngo ibabere koko umwanya w'isengesho, umwanya wo kugaragariza Imana ubuyoboke bwacu, guhura na Yo no gusabana na Yo.
**Ukwemera n'umuco* : abagize iri shami bihatira gushaka uburyo bwose buboneye bwo guhuza Inkuru Nziza ya Yezu Kristu n'umuco, ururimi n'imigenzereze nyarwanda, ku buryo umunyarwanda abasha kumva ko Ivanjili atari iy'abanyamahanga, bityo ngo abe yatekereza ko ntaho ahuriye na Yo, ahubwo ko nawe imureba, ko ashobora kuyikurikiza kandi agakomeza kuba umunyarwanda nyawe.
**Amateka*: abagize iri shami bihatira gukusanya no gusesengura amateka, ayacu ndetse n'ay'ahandi hagamijwe gushaka ibyadufasha kwiyubaka nk'abantu b'abakristu kandi b'abanyarwanda.
**Indimi n'ubuvanganzo*: abagize iri shami bihatira kumenya no gusesengura indimi zinyuranye uhereye ku kinyarwanda cyacu, icyongereza, igifransa, igitaliyani, igiswahili, ku buryo bagira nibura ubumenyi bw'ibanze bwatuma babasha kwigisha Ijambo ry'Imana umuntu uwo ariwe wese ntambogamizi. Aha twavuga ko abagize iri shami bafite umwihariko wo guhimba no gukina amakinamico mu kinyarwanda, mu gifransa n'icyongereza.
**Muzika nyobokamana*: abagize iri shami bahimba indirimbo z'Imana cyane cyane, bakaziririmba, bakazishyira ku makasete bakazandika no mu bitabo kugira ngo zibashe kugera ku bakristu. Hanyuma kandi banigisha bagenzi babo umuziki.
**Ubumenyi bw'ibanze mu byerekeranye n'amashanyarazi*: biga gukoresha ibikoresho binyuranye bikoreshwa n'amashanyarazi byo mu rugo ndetse no kwikemurira utubazo tunyuranye tw'amashanyarazi mu rugo.
**Kwiga gutwara ibinyabiziga* : ku ubufatanye bw'ishuri ryigisha gutwara ibinyabiziga rikorera muri Kaminuza y'u Rwanda, iri shami rifasha abaseminari kwiga amategeko y'umuhanda no gutwara ibinyabiziga no kubona impushya z'agateganyo n'iza burundu zo gutwara ibinyabiziga.

Ibyo twagezeho ni byinshi ariko reka mvugemo bimwe na bimwe. Tubisabwe n'Inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda, twahinduye mu kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Igitabo cy'amateka ya Kiliziya, Igitabo cy'amasengesho ya Kiliziya aherekeza umunsi (Bréviaire), ubu twatangiye Gatigismu ya Kiliziya,... Hanyuma kandi tumaze gushyira ahagaragara ibitabo 4 : Turirimbire Nyagasani by'indirimbo za Liturijiya bizwi ku izina rya Nyakibanda, ndetse hari n'ikindi cyari cyasohotse mbere yabyo gato mu 1976, hari amakasete y'indirimbo, ubu tugeze kuri volume ya 6. Hari kandi n'igitabo cyo kwigiramo umuziki mu rurimi rw'igifaransa, ubu kikaba cyarashyizwe mu kinyarwanda kandi kiri ku isoko,...

3. Ni iki urwo rugaga rumarira abaseminari, abapadiri ndetse n'abakirisitu muri rusange ?

UMP[(1)] rufasha iseminari muri rusange ndetse na buri museminari ku giti cye, kugera kuri iyo ntego nasobanuye haruguru. Ibyo bigaragara ku buryo bunyuranye, ariko reka mvuge 4 : Urugaga rwa Mutagatifu Pawulo rufasha umuseminari guteza imbere impano ze hagendewe cyane cyane ku murongo w'ubutumwa ahamagarirwa.
Mu mirimo itandukanye ikorerwa mu mashami anyuranye, nko kwandika ibitabo by'indirimbo n'ibindi, Urugaga rwa Mutagatifu Pawulo rufasha umuseminari kwikuzamo *umugenzo wo kwitanga atizigama kubera Ingoma y'Imana, bityo akarushaho kwisanisha na Kristu we witangiye abantu kugera ku musaraba*. Ibyo rero abapadiri n'abakristu babyungukiramo ku buryo bubiri ngira ngo ndangirizeho:

[(1)] UMP ni ugushaka kuvuga Urugaga rwa Mutagatifu Pawulo, ariko impine mu rurimi rw'igifransa ni CSP (Cercle Saint Paul)

* Mbere na mbere hari uwo mutima mwiza wo kwitanga atizigama abagaragariza igihe bakorana akiri mu ishuri ndetse n'igihe amaze kuba padiri, ku buryo bagira bati : "Uyu muntu koko yahuye na Kristu, ni intumwa ya Kristu".
* Hanyuma icya kabiri ni uko ibyo bakorera mu Rugaga rwa Mutagatifu Pawulo bibafasha ubwabo ndetse bigafasha n'abakristu bose kwitagatifuza. Aha twavuga nka Bibiliya yahinduwe mu kinyarwanda. Igihe cyose tuzirikanye amagambo ya Mutagatifu Agustini, aho agira ati: "Uririmbye neza aba asenze kabiri", hanyuma tukareba ibitabo by'indirimbo n'amakasete Urugaga rwa Mutagatifu Pawulo rumaze gusohora, ntawashidikanya ko rufitiye akamaro abaseminari barugize n'abakristu bose muri rusange.

4. Ubu Seminari Nkuru ya Nyakibanda irimo guhimbaza Yubile y'imyaka 75. Ni uruhe ruhare rw'urwo rugaga mu myiteguro ya Yubile?

R/ Usibye uruhare mu makomisiyo atandukanye yo kwitegura, abagize urugaga rwa Mutagatifu Pawulo, babinyujije mu ishami ry'amateka, bagiye gushyira ahagaragara igitabo cy'amateka yaranze Seminari Nkuru ya Nyakibanda kuva itangiye kugeza ubu; hari kasete igaragaza amajwi n'amashusho (CD audio visual) ku ndirimbo z'ubutore. Hari kandi na konseri yabereye i Butare kuwa 30/10/2011 muri prokire yari igamije kumenyekanisha i Seminari Nkuru ya Nyakibanda na Yubile yayo, ndetse no gukora ubutumwa hifashishijwe indirimbo.

5. Ni ubuhe butumwa wabwira abateze amatwi Radiyo Mariya Rwanda muri aka kanya ?

Ubutumwa bw'ibanze natanga, ni ugusaba abakristu gushimira Imana babikuye ku mutima. Kuba dufite i Seminari Nkuru nk'iyi, kuri njye ni icyemezo cy'urukundo Imana ikunda u Rwanda n'abanyarwanda. Kuba tubasha kubona abasaserdoti batwigisha Ingoma y'Imana mu rurimi rwacu, mu muco wacu, ku buryo bwacu nk'abanyarwanda, kandi tugakomeza kugendera mu murongo wa Kiliziya yose, ni amahirwe atagira uko asa. Nkaba mboneyeho no gushishikariza abatwumva ko bajya bitabira kugura ibihangano byacu, mu rwego rwo kudutera inkunga kugira ngo dukomeze kubafasha gukura mu kwemera.

Ubutumwa bwa kabiri natanga ni ugusaba abakristu bose ndetse n'abandi bantu b'umutima mwiza kurushaho kwifatanya na Seminari Nkuru ku buryo bugaragara. Mbere na mbere turasaba inkunga y'isengesho kugira ngo uru rugo rukomeze rube koko irerero ry'intore z'Imana. Hanyuma kandi nasabaga n'inkunga yo kwitegura ibirori bya Yubile nyirizina izaba kuwa 03/12/2011.

Umwanzuro

Ngicyo rero ikiganiro uhagarariye Urugaga rwa Mutagatifu Pawulo yagiranye n'umunyamakuru wa Radiyo Mariya Rwanda ku bijyanye nyine n'ibyo abarererwa mu Nyakibanda bakora, tukaba aribyo twifuje kubasangiza mu rwego rwo kurushaho kumenya Nyakibanda no gusabira abayituye bose; muzirikane Nyakibanda urugo rubarerera ababatumwaho kandi musabe ngo Nyir'imyaka yohereze abasaruzi mu murima we nk'uko Yezu abivuga mu Ivanjili yanditswe na Mutagatifu Matayo ku mutwe wayo wa 9, umurongo wa 38.
"Ni cyo gituma umutima wanjye unezerewe, amagara yanjye akamererwa neza, n'umubiri wanjye ukadendeza mu ituze; Uzamenyesha inzira y'ubugingo; hafi yawe niho haba umunezero usendereye, iburyo bwawe hakaba umudabagiro udashira" (Zab16(15),9.11).

Fratri Faustin HABIMANA
Umubitsi w'Urugaga rwa Mutagatifu Pawulo
Seminari Nkuru ya Nyakibanda.

SEMINARI NKURU YA NYAKIBANDA MU MYITEGURO YO KWIZIHIZA YUBILE Y'IMYAKA 75 IMAZE ISHINZWE.

Seminari Nkuru ya Nyakibanda ibaye ubukombe, mu gihe igiye kwizihiza Yubile y'imyaka igera kuri 75 imaze ishinzwe mu kibaya cya Nyakibanda. Mu rwego rwo kwitegura neza iyo Yubile, ku itariki ya 03/12/2010 ni bwo hatangijwe umwaka wa Yubile uzasozwa n'umunsi nyirizina wa Yubile izaba ku wa gatandatu tariki ya 03/12/2011.

Muri iyi nyandiko ndabagezaho muri make Seminari yitegura yubile iyo ari yo, aho iherereye n'amateka yayo.

Aho Seminari iherereye.

Seminari nkuru yitiriwe Mutagatifu Karoli Boromewo ni ishuri rikuru rya Kiliziya Gatorika y'u Rwanda, rirererwamo abazaba abasaserdoti, rikaba riherereye mu Karere ka Huye, Intara y'amajyepfo, mu birometero12 uvuye mu mugi wa Butare. Ubu iyoborwa n'Inama Nkuru y'Abepiskopi bo mu Rwanda, kandi igakurikiranirwa bya hafi n'Ibiro bya Papa bishinzwe iyogezabutumwa mu mahanga.

INCAMAKE Y'AMATEKA YARANZE SEMINARI

N'ubwo Seminari Nkuru ya Nyakibanda igiye kwizihiza imyaka 75 ishinzwe i Nyakibanda, iki si cyo gihe inyigisho za seminari zatangiriye gutangwa mu Rwanda. Mu by'ukuri, Seminari ikaba ifite inkomoko yayo mu bihe bya mbere by'iyogezabutumwa mu Rwanda, ryatangiye tariki ya 02/02/1900 igihe Abamisiyoneri Bera (Pères Blancs) bari binjiye mu Rwanda bazanye Inkuru nziza.

Mu bihe by'ikubitiro, ni ukuvuga guhera mu 1904, nibwo Musenyeri Yozefu Hiriti (Joseph Hirth) yatoranyije abasore 15 mu bari bamaze kubatizwa muri Kiliziya y'u Rwanda yari ikivuka, abohereza ahitwa i Rubia mu gihugu cya Tanzaniya, mu iseminari yari amaze gushinga, kugira ngo bategurirwe kuba abapadiri ba mbere ba kavukire.

Tariki ya 20/11/1913, nibwo Musenyeri Yozefu Hiriti wari ushinzwe Vikariyati ya Kivu yari igizwe n'u Rwanda, u Burundi n'u Buha, yafunguye i Kabgayi, Seminari ya mbere Nkuru mu Rwanda : Seminari yitiriwe Mutagatifu Karoli Boromewo, akaba yarahise ahimurira abaseminari bakuru n'abato bari muri seminari ya Rubia, kugira ngo bigishirizwe i Kabgayi. Bose hamwe bari 25 muri bo 21 bigaga muri Seminari nto, naho 4 bigaga mu nkuru. Imbuto z'icyo gikorwa ntizatinze kugaragara, kuko mu 1917 abasore babiri ba mbere b'abanyarwanda (Baritazari GAFUKU na Donati REBERAHO) bahawe ubupadiri. Mu 1931, Seminari nkuru ya Kabgayi yagizwe seminari ihuza akarere kari kagize vikariyati y'u Rwanda, u Burundi, Kivu n'abatuye hafi y'ikiyaga cy'Albert ari cyo Rwicanzige.

Tariki ya 22/10/1936, nibwo seminari yimuriwe i Nyakibanda. Kuva ubwo, Seminari ikomeza kuyoborwa n'Abapadiri Bera kugeza tariki ya 10/11/1959 ubwo yahabwaga abapadiri b'abanyarwanda ngo babe ari bo bayiyobora. Kuva icyo gihe kugeza mu 1989 Nyakibanda yigishaga amasomo ya filozofiya na teolojiya. Mu mwaka w'amashuri 1989-1990 nibwo icyiciro cya filozofiya cyimuriwe i Kabgayi, maze i Nyakibanda hasigara icyiciro cya tewolojiya kugeza uyu munsi, kigizwe n'imyaka ine. Ubu mu rwego rw'amasomo Seminari igendera kuri Kaminuza ya Urubaniyano iri i Roma, ikaba muri iki gihe itanga impamyabushobozi zo mu rwego rwa mbere rwa Kaminuza zemewe na Leta y'u Rwanda.

Yubile ya Seminari ni Yubile ya Kiliziya yose

Seminari Nkuru ya Nyakibanda ikomeje kwitegura Yubire y'imyaka mirongo irindwi n'itanu(75) izwi ku izina rya Yubire ya Diyama. Iyi myiteguro mu by'ukuri, ikaba ari iya

Kiliziya yose, ibi bigaturuka ku butumwa bw'umwihariko Seminari yashinzwe nyine na Kiliziya bwo kurera abitegura kuzaba abasaserdoti, abahamya b'Inkuru nziza mu bantu, babamenyesha umwaka w'impuhwe za Nyagasani (Reba Lk4,18-19). Ibi kandi bikaba byaragaragaye mu itangizwa ry'umwaka wa Yubile, watangijwe ku mugaragaro ku munsi mukuru w'umurinzi wa Seminari ariwe Karoli Boromewo, ku wa 03/12/2010. Hakaba hari Abepiskopi batatu aribo : Musenyeri Ivo SCAPOLO, Intumwa ya Papa mu Rwanda, Musenyeri Thaddée NTIHINYURWA, Arkiyepiskopi wa Kigali, na Musenyeri Smaragde MBONYINTEGE, Umushumba wa Kabgayi akaba afite na za seminari mu nshingano ze, ndetse hakaba hari n'abapadiri, abihayimana n'abarayiki benshi.
Abakristu by'umwihariko nabo bafite uruhare rukomeye mu buzima bwa Seminari kuko ari hagati muri bo hava abinjira mu iseminari kuharererwa kugira ngo nyuma bazayobore abavandimwe babo ku Mana. Bityo rero bafite inshingano yo gusabira i Seminari, cyane cyane muri uyu mwaka wa Yubile, kugira ngo uko igenda yigira imbere mu myaka, ibe ari nako irushaho gutunganya ubutumwa Kiliziya yayishinze, kuko ari yo dukesha abasaserdoti badufasha hirya no hino mu ma paruwasi yacu.

Uko isaza niko igenda irushaho kwera imbuto nyinshi

Seminari Nkuru ya Nyakibanda ubu igiye kumara imyaka 75 ikora umurimo wo kwigisha abana b'u Rwanda, bamwe muri bo bakaba barabaye abasaserdoti, abatabaye abasaserdoti bakaba barahavanye ubumenyi bwabafashije gukorera igihugu cyabo mu ngeri zose. Kuva Seminari Nkuru yashingwa, imaze gushyikiriza Kiliziya abapadiri bagera ku gihumbi na bane (1004) bari mu butumwa mu mpande zinyuranye z'isi aho bakorera imirimo inyuranye bashinzwe na Kiliziya, abarayiki bahanyuze nabo bakaba atari bake. Si ibyo gusa, kuko Nyakibanda yagize uruhare runini mu guhindura imibereho y'abaturarwanda, n'abatuye ibihugu by'abaturanyi. Ikindi umuntu atabura kwishimira ni uko Nyakibanda yatumye abenshi mu banyarwanda baba abakirisitu beza bakunda Kiliziya. Umwaka wa Yubile seminari irimo ubu rero, ni igihe mbere na mbere cyo gushimira Imana ingabire zayo, ibi bigatuma twifatanya n'umuririmbyi wa zaburi tugira tuti: "Mu busaza bwayo irakera imbuto; iracyuzuyemo ubuzima n'ubutohagire, kugira ngo yamamaze ko Uhoraho ari Umunyabutungane"(reba Z.92 (91),15).

Twifurije Seminari gukomeza kugira imyiteguro myiza ya Yubile.

Komisiyo ishinzwe itumanaho mu itegurwa rya
Yubile ya Seminari Nkuru ya Nyakibanda.

TUMENYE AMAVU N'AMAVUKO YA PARUWASI KINUNU, CENTRALE REMERA , NDETSE NA BAMWE MU BAKURAMBERE

Paruwasi ya Kinunu ni imwe muri paruwasi zigize Diyosezi ya Nyundo. Ihereye mu Karere ka Rutsiro ; ifata igice kinini cy'imirenge ya Boneza na Musasa. Ikikijwe na Paruwasi Biruyi, Murunda, Crête Congo-Nil, Mushubati, ikivu kigera kuri Kongo.

Paruwasi ya Kinunu igizwe na Santarali eshatu, inama z'imirenge cumi n'eshanu n'imiryangoremezo mirongo itandatu. Kuva ishingwa kugeza mu mwaka wa 2004, paruwasi ya Kinunu yari ku buso bwa Santarali ya Remera gusa. Nyuma yaje kongerwaho Skyiki yavuye kuri Paruwasi ya Murunda na Murama ya Crête Congo-Nil.

Muri aka kanya, tugiye kuvuga ku mateka ya Santarali ya Remera, tureba Mathias BITI wayishinze uwo ariwe, Padiri Georges LOVENS wayishimangiye, imirimo yo kubaka Kiliziya ya Paruwasi n'ibindi bikorwa binyuranye.

1. AMATEKA YA SANTARALI YA REMERA

Misiyoni ya Murunda yashinzwe mu mwaka w'1909. Ahagana mu mwaka w'1927, igihe Akanage kayoborwaga na Chef witwaga Ndakebuka ? abapadiri bo kuri Misiyoni ya Murunda bayobowe na Père GALLICAN bageze i Kinunu bumva ko mu mpinga y'agasozi ka Remera ariho hakorerwa imihango ya gipagani yo kuvuma no kuvumura. Kera rero, abari bashinzwe gukora iyo mihango bitwaga « ABAHORYO ». Bari bemewe ndetse bavugirizwa ingoma nk'abami. Uwari ushinzwe iyo mihango ndetse anayikorera mu mpinga y'agasozi ka Remera yitwaga MUHUMUZA wo mu muryango w' « Abahanga ». Yari afite umugore witwaga NYIRABASARE n'umuja MAPFURUKA ari nawe dukesha amwe muri aya mateka. Bari batuye i MUYANGE ahubatse ubu « Collège INDASHYIKIRWA ».

Abapadiri bageze kwa MUHUMUZA yabemereye kujya kureba iyo mpinga ya Remera bifuzaga kugeraho. Nyamara muri icyo gihe, uretse abari bashinzwe gukora iyo mihango ya gipagani, nta wundi muntu watinyukaga kugera muri iyo mpinga ngo atahafatirwa n'ibizimu ; « Urakajya i Remera » cyari igitutsi.

Abapadiri bageze muri iyo mpinga barayikunda ndetse nk'uko babyifuzaga MUHUMUZA arayibagurisha. Baguze isambu ihwanye na Hegitari imwe (1hA) ku itariki ya 16 Mutarama 1927 bayitangaho amafaranga ijana na mirongo itanu. Muhumuza uwo, yizeraga ko abazimu bazabuza abo bapadiri kugira icyo bayikoreramo. Nyamara siko byagenze, kugira ngo ibya kera bisimburwe n'ibishya, abo bapadiri biyemeje kugira Remera impinga yo gusengeramo Imana nzima ndetse basiga bahashinze umusaraba.

Bidatinze, mu mwaka w'1928, abapadiri bohereje i Remera umwarimu wo kuhigishiriza Iyobokamana. Uwo mwarimu yitwaga Mathias BITI, bityo santarali ya Remera iba iravutse. Uyu Mathias BITI ataragera i Remera, abantu b'aho ntibari baramenya Imana y'ukuri twahishuriwe na Yezu Kristu. Mathias niwe wabamenyesheje Inkuru Nziza y'umukiro wa Kristu maze ku itariki ya 13 Nzeli 1930 Remera yibaruka abakristu ba mbere : Ladislas SEFURA(NDLR) na Karoli GAKWANDI bahawe isakaramentu rya Batisimu kuri uwo munsi.

Mu mwaka w'1951, Santarali ya Remera yari imaze kugira inama 4, buri nama ifite abayobozi bane bahagarariye ibyiciro binyuranye by'abakristu : gabo, gore, sore, kobwa, bose bahuzwa n'uhagarariye abagabo, byagera muri santarali, bose bagahuzwa na Mathias BITI. Muri buri nama habagamo umukateshiste ushinzwe abigishwa. Mu w'1965, hashyizwemo komite ya santarali ya Remera iyobowe na Mathias BITI, umwanditsi ari umuhungu we Simoni HABIYAMBERE n'abajyanama bane aribo Antoine RUTENGA, J.Népo KAREKEZI, Stanislas GAHIGIRO na Paul SEBERA wari uhagarariye abarimu.

Mu mwaka w'1969 nibwo paruwasi ya Kinunu yavutse igizwe na santarali ya Remera, icyicaro cyayo kiba kuri ka gasozi ka Remera. Kugira ngo Remera igere ku rwego rwa paruwasi hari uwabiharaniye. Reka turebe amateka y'ubuzima bwa Mathias BITI washyize umuganda wa mbere kuri Remera.

NDLR :Ladislas SEFURA ni se wa Padiri François RWIGENZA, Umupadiri wa mbere uvuka muri iyo paruwasi.

2. MATHIAS BITI NI MUNTU KI ?

Nk'uko tubibona muri « Liber Baptizatorum », fondation ya paruwasi ya Kinunu, Mathias BITI yavukiye ahitwa i Gatoki i Murunda mu mwaka w'1905. Se yitwaga BIHIRE nyina akitwa NTIRUGULIRWA. Yabatirijwe i Murunda ku itariki ya 2 Nyakanga 1921 (n°593 Murunda, n°1 Kinunu) na Padiri Balthazar GAFUKU.

Mu mwaka w'1928, Mathias BITI yaje kwigisha i Remera ari umufundi uzi kubakisha amatafari n'amategura. Ni we watangiye kubumba no gutwika amatafari n'amategura. Yari ashinzwe mbere na mbere kwigisha Iyobokamana. Ni we wabikaga ibikoresho bya Missa by'abapadiri bazaga gusura santarali ; yubakishije amazu y'abapadiri, ni we wacungaga umusaruro w'ibyo abigishwa bahingaga akanabigemura kuri Misiyoni. Yashinze inama za santarali anashyiraho abakuru bazo baziyobora. Ni we wagenaga abakateshiste agatanga raporo ya byose kuri Misiyoni.

Mathias BITI yari umulejiyo ukunda isengesho kandi abalejiyo basengeraga mu rugo iwe. Yari umwarimu mukuru wa santarali. Yaje gusimburwa na Venanti NTAGANDA ariko we akomeza imirimo yo kubaka ndetse aba n'umugishwanama wa santarali na paruwasi.

Mu w'I975, Padiri Georges LOVENS witaga Mathias BITI umubyeyi we, mu rwego rwo kumushimira, yamuhaye umusaraba munini n'inkoni itatse amasaro.

Ku itariki ya 21 Nyakanga 1985, umugore wa Mathias BITI witwaga Budensiyana ICYITEGETSE bari barasezeranye ku ya 27 Ukuboza 1945, yitabye Imana. Bidatinze, ku ya 21 Ugushyingo 1985, Mathias BITI nawe yitaba Imana. Imana ibahe iruhuko ridashira.

Kugira ngo Paruwasi ya Kinunu ibone izuba, hari uwayirwaniye ishyaka. Ntituzibagirwa na gato intore ya Nyagasani yemeye kwitanga ijoro n'umunsi kubera Kinunu. Uwo ni Padiri Georges LOVENS.

3. TUMENYE PADIRI GEORGES LOVENS

Georges LOVENS yavukiye ahitwa Argenteau (Lig-Bel) ku itariki ya 11 Nyakanga 1921. Ababyeyi be ni Charles-Antoine LOVENS (1873-1923) na Marguerite de Burlet. Mu mwaka w'1979 yari amaze imyaka 2O mu Rwanda. Yari umupadiri wo mu muryango w'Abihayimana bitwaga « Samistes ». Aba « Samistes », Société des Auxiliaires des Missions (Sam), bashinzwe n'uwitwa Vincent LEBBE (1877-1940). Padiri Lovens yari yarahawe ubutumwa muri Diyosezi ya Nyundo.

Ahagana mu mwaka w'1968, Padiri Lovens yari muri paruwasi ya Murunda. Ni muri uwo mwaka w'1968 yaje gusura Santarali ya Remera, ahageze arahakunda ndetse arahigumira !

Mu mwaka w'1969, Nyiricyubahiro Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI, wari Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yashinze paruwasi ya Kinunu mu mbago za santarali ya Remera. Kuva ubwo, Padiri Lovens ashingwa paruwasi ya Kinunu, arayiyobora, arigisha, aratagatifuza ariko akoresha imirimo ya paruwasi nko gutundisha amatafari n'amabuye, gusiza ibibanza, kubaka, kwagura imbago ya paruwasi agura n'abahatuye, kugura uturima hirya no hino mu nama z'imirenge zigize paruwasi, kongera umubare w'inama z'imirenge ziva kuri enye zigera ku munani. Imirimo yakorerwaga kuri paruwasi niwe wayikoreraga, nta mukarani yagiraga niwe wiyandikiraga amafishi, niwe witeguriraga abashaka gushyingirwa n'ibindi n'ibindi.

Santarali ya Remera itaraba paruwasi ya Kinunu, abakristu bitabiraga gusengera kuri santarali ndetse no kuri misiyoni ya Murunda. Padiri LOVENS aje, abakristu bamwakiranye ibyishimo byinshi ndetse barushaho kwiyongera. Nyamara imirimo yo gusiza ibibanza no gutunda amabuye itangiye, bamwe muri bo bacika intege, batatanira mu yandi madini, abandi bareka kubarizwa muri paruwasi ya Kinunu bahungira mu zindi paruwasi. Nyamara rero ibyo ntibyaciye intege Padiri Lovens, ati « bake beza baruta benshi babi ».

Mu kwezi kwa kane 1994, igihe jenoside yakorewe abatutsi yari yakajije umurego mu Rwanda, Padiri Lovens yaburiwe ko ashobora kwicwa n'abashakaga kumenagura amashusho ndetse no gusahura umutungo wa paruwasi. Yahise rero asubira iwabo mu Bubiligi ari naho yaguye ku itariki ya 9 Ugushyingo 2003 i Liège. Imana imuhe iruhuko ridashira !

4. IMIRIMO YO KUBAKA KILIZIYA YA PARUWASI N'IBINDI BIKORWA BINYURANYE.

Kiliziya ya paruwasi ya Kinunu ivugisha abantu amagambo menshi kubera ubwiza bwayo no kubera igihe kirekire yamaze yubakwa. Iri mu byiza byinshi bitatse paruwasi ya Kinunu yaragijwe Umutima Mutagatifu wa Yezu. Yatangiye kubakwa ryari ? Ibindi bikorwa tubona byo byubatswe ryari ?

Ahagana mu mwaka w'1945, Mathias BITI yubakishije inzu y'icumbi rya mbere ry'abapadiri, Chapelle ya mbere abakristu basengeragamo n'amashuri abanza atatu. Byose yabyubakishaga amatafari ahiye agasakaza amategura. Nyamara, mu w'1951, hubatswe andi mashuri y'ibiti ahomesheje icyondo, asakaje ibirere.

Mu mwaka w'1957, Nyiricyubahiro Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI yageze i Remera, arahashima, yemera ko hubakwa neza naho hakazaba Misiyoni. Kuva ubwo Padiri Diyonizi MUTABAZI, wari ufite ubutumwa muri Misiyoni ya Murunda abyitaho. Mu rwego rwo gusura za santarali, aza kuba i Remera, afatanya n'abakristu kubumba no gutwika amatafari bateganyaga kuzubakisha Kiliziya. Ibyo byakorerwaga ahitwa mu Nyakabanda.

Ahagana mu myaka y'1957 na 1958, Padiri Diyonizi MUTABAZI yatangiye guharuza umuhanda ugana ku kivu ahitwa ku Kaliba aho bateganyaga kuzubaka Kiliziya n'amashuri yisumbuye mu murima Misiyoni yari yarahawe n'uwitwa Aloys KAYINAMURA ahagana mu mwaka w'1956. Padiri MUTABAZI yaje kuva i Murunda, bityo ibikorwa byakorerwaga i Remera biba bihagaze bityo.

Nyuma y'umwaka w'1969 paruwasi ya Kinunu imaze gushingwa, Padiri LOVENS afatanyije n'abakristu batunze ya matafari yabumbiwe mu Nyakabanda, bayubakisha amashuri y'imyuga y'abakobwa yitwaga "Ecole Familiale" bo bayita "Complémentaire", ni yo yaje kuba CERAI.

Mu mwaka w'1971, mu "Rugo rw'Umutima Mutagatifu wa Yezu" hubatswe amashuri abanza, Chapelle nshya n'ibyumba biyikikije.

Mu w'1973, Padiri Lovens yavuguruye inzu y'icumbi ry'abapadiri arigira igorofa, mu "Rugo rw'Umutima Mutagatifu wa Yezu" ahubaka icyumba cy'amabuye kiba icumbi ry'abashyitsi.

Mu w'1974, Padiri Lovens yubakiye ishusho rya Bikira Mariya i Bushaka, ku "Bumwe n'amahoro"; kuri paruwasi ahubaka Tribune yasomerwagaho Missa z'ibyumweru n'iminsi mikuru. Iyo tribune yatashywe ku itariki ya 23 Ugushyingo 1974, ku ishusho hatahwa mu w'1975.

Nyuma y'umwaka w'1977, Padiri Lovens yatangiye igikorwa cyo gutundisha amabuye yari agenewe kubaka Kiliziya bakayatura kuri ka gasozi ka Remera, batangira kandi gucukura umusingi wa Kiliziya n'ibindi.

Mu mwaka w'1986, Nyiricyubahiro Musenyeri Wenceslas KALIBUSHI, wari Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, yashinze ibuye ry'ifatizo ahateganywaga kubakwa Kiliziya ya Paruwasi. Kuva ubwo, igenda yubakwa buhoro buhoro kugeza mu mwaka w'1994, Padiri Lovens asubiye iwabo. Imirimo yo kubaka yaje gusubukurwa nyuma y'umwaka wa 2004, abapadiri bongeye gutura kuri paruwasi. Twaje kuyitaha mu byishimo ku itariki ya 26 Kamena 2006, turangajwe imbere na Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo.

UMWANZURO

Paroisse Kinunu ifite amateka maremare. Kuva mu mwaka w'1928 kugeza mu w'1969, Santarali ya Remera yabarizwaga muri paruwasi ya Murunda. Mu w'1969 yaje kuba paruwasi ya Kinunu iyoborwa na Padiri Georges Lovens wayiyoboye kugeza mu w'1994. Mathias BITI ari mu bantu bitanze n'imbaraga zabo zose kugira ngo santarali ya Remera itere imbere. Guhera mu

w’1928 kugera yitabye Imana mu w’1985, yaharaniye ko ingoma ya Kristu yogera i Remera. Ni ngombwa rero ko duhora twibuka abo bakurambere bacu, dushimangira umuco mwiza baturaze. Nubwo twavuze kuri paruwasi ya Kinunu, twibanze cyane kuri santarali ya Remera kuko kugeza mu mwaka wa 2004 abapadiri bongeye gutura i Kinunu amateka ya paruwasi ari amwe n’aya santarali kuko paruwasi ya Kinunu yari ku buso bw’icyari santarali ya Remera.

Tubasezeranyije ko ubutaha tuzabagezaho amateka ya santarali ya SKYIKI n’aya MURAMA nayo atari make kuko ahera mu myaka y’1930.

Turashimira abantu bose bagize uruhare mu ikusanywa ry’aya makuru kandi turasaba ababa bafite andi ko babitumenyesha.

Dushimiye byimazeyo Mathias BITI ubwe, Donat RUTENGA na Mariya MAPFURUKA bapfuye, ariko baratanze amakuru ku mavu n’amavuko ya Santarali ya Remera.

Imana ibahe iruhuko ridashira.

Byakusanyijwe na Padiri Léonidas NGARUKIYINTWARI afatanyije n’abasaza b’inararibonye bo muri Santarali ya Remera / KINUNU.

<u>ANNEXE</u> : LIBER BAPTIZATORUM / FONDATION KINUNU
Amazina y'abantu icumi bari ku ipaji ya mbere

Numerus	Dies	Praenomen,Nomen Baptizati	Dies nat.	Nomina Patris et Matris	Vicus Districtus	Minister
593 Mda 1	2.VII.21	Mathias Biti	1905	Bihire Ntirugulirwa	Gatoke	Balthazar
790 Mda 2	24.III.23	Pudentiana Cyitegetse	1909	Kaguli N.numa	Mburam azi	Donatus
1650 Mda 3	13.IX.30	Ladislaus Sefura	1916	Nyamushyota Nyabuce	Busanza	Aloysius
1651 Mda 4	13.IX.30	Carolus Gakwandi	1910	Rukinga Kibibi	Kinunu	Aloysius
1969 Mda 5	25.VI.32	Joseph Byandagara	1916	Manywa N.ndishyutse	Kinunu	P.Giai-Via
2020 Mda 6	1.X.32	Patritius Kajigiri	1919	Sekabwa N.mugore	Kinunu	Soubielle
2076 Mda 7	24.XII.32	Daniel Karera	1910	Rukamba N.nziga	Kinunu	P.Giai-Via
2172 Mda 8	8.IV.33	Gatharina Kanazi	1913	Kidende N.gishungwa	Kinunu	Soubielle
2183 Mda 9	8.IV.33	Gamaliel Karambizi	1910	Semihare N.ntwari	Remera	Soubielle
2200 Mda 10	8.IV.33	Margarita Mariya N.kimonyo	1929	Joseph Nganguzi Suzana Kambanda	Remera	Soubielle

YAJE YITWAJE INKOTA ITYAYE AMUGI YOMBI.

Nimugire amahoro !

Iyo niyo ndamutso y'Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo mu birori by'umunsi mukuru wo gukomezwa muri paruwasi Mukungu, tariki 15 Ugushyingo 2011.

Yakomeje ashimira abakristu kubera kwitabira ku buryo butangaje uwo munsi mukuru nubwo bitari biboroheye kubera ibihe by'imvura ikabije n'imihanda mibi yo mu Karere kacu itoroshye kugendwa.

Ati : "Dusangiye byinshi. Turi abana b'Imana; twaje gutega amatwi ijambo ry'Imana; twaje mu munsi mukuru ukomeye wo gukomezwa; nimucyo dukere kongera guhamya ukwemera kwacu".

NIMUGIRE ISHYAKA RYA KILIZIYA

Nyuma y'amasomo n'Ivanjiri nibwo inkota yaje yitwaje yahuranyije isogota mu mitima yacu hafi ya twese ku buryo abo twashoboye kuvugana bose, nta n'umwe impanuro ze zasize ubusa. Muri make ntiyashatse kudushyeshyenga ngo adushimishe, ahubwo yahisemo gucyaha n'ubukana bwinshi imigirire idahwitse ya benshi mu bakristu b'iki gihe.

Ati: "Roho Mutagatifu duhabwa mu gukomezwa ni wa wundi intumwa zahawe kuri Pentekosti".

Ati: "Nimwibuke ukuntu i Getsimani intumwa zagize ubwoba zigatatana zigasiga Yezu wenyine. Muzirikane ko Petero wari wagize ubutwari bwo kumukurikira, nawe yageze aho akamwihakana gatatu kose.

Ariko intumwa zimaze guhabwa Roho Mutagatifu zishira ubwoba, bahamya bashize amanga ko Yezu wa wundi wabambwe agapfira ku musaraba ari muzima.

Baratinyuka bagira ubutwari, bajya impaka n'abafarizayi n'abanditsi, bahamya Yezu bigera aho bemera gupfa kubera ukwemera kwabo.

Roho duhabwa mu gukomezwa, ni wa wundi Pahulo witwaga Sauli yahawe amaze guhura na Yezu. Mwibuke ukuntu nawe yahinduye ingamba agahamya Yezu yahoze atoteza, agafungwa kugeza ubwo nawe yazize ukwemera kwe.

Uwo Roho kandi ni wa wundi abakristu ba mbere bahawe akabaha ubutwari bwo kuba abamaritiri. Ni nawe wagiye aha ubutwari abo mu bihe bya vuba, nka Mutagatifu Goreti na Anuarita bemeye gupfa aho kwandurisha imibiri yabo ubusambanyi.

Twazirikana kandi abakristu b'i Buganda bahowe Imana ku buryo bamwe bemeye gutwikwa babona aho gutatira ukwemera kwabo.

Roho duhabwa si Roho w'ubwoba. Naduhe gutinyuka guhamya ukwemera kwacu. Roho Mutagatifu araduha ubutumwa muri Kiliziya. Nimugire rero ishyaka rya Kiliziya. Abakristu benshi bamazwe n'ubwoba ugasanga bakivanga amasaka n'amasakaramentu. Bamwe barasenga, ariko kubera ukwemera guke bakavangamo imihango ya gipagani. Hari abaza mu missa bakenyereye kubyo ntazi, bibwira ko byabarinda. Yungamo ati : "Nkuko Yezu abivuga mu byahishuriwe Yohani, ntimukonje kandi ntimushyushye. Ubwo muri akazuyazi Imana igiye kubaruka. Bamwe muri mwe murishushanya. Mugaragara neza inyuma, mu miryangoremezo no mu miryango y'Agisiyo Gatorika, nyamara ubuzima bwanyu nyakuri buhabanye cyane n'uko mwigaragaza".

Yakomeje atanga ingero nyinshi ntarondora, nk'abakobwa bavanamo amada bafashijwe n'ababyeyi babo ngo baranga igisebo.

Abagabo n'abagore bacana inyuma barangiza bakambara uruhu rw'intama.

Abana b'abakobwa batinya gutwara inda aho gutinya icyaha cy'ubusambanyi. Kuri bo icyangombwa ni ugukoresha uburyo bwose kugira ngo badasama, naho icyaha ntacyo kibabwiye.

Abandi ni abarozi, abaraguza, abaterekera, abanyeshyari, abagambanirana, n'ibindi bibi dukora byinshi, nyuma tukaza mu Kiliziya kurenzaho, gusangira igitambo cy'Ukaristiya.

Roho duhabwa mu Isakaramentu ryo gukomezwa nabayobore nibwo mutazatwarwa n'irari ry'umubiri (soma ibikorwa by'umubiri muri Bibiriya ntagatifu Gal 5, 19-21). Nabahe kwera imbuto z'abayoborwa na Roho (Gal 5,22-23).

UMWAKA UDASANZWE MURI DIYOSEZI YACU.

Mbere y'uko igitambo cya Missa gihumuza, twongeye kugira amahirwe yo kuganirirwa na Nyiricyubahiro Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo.

▪ Ati : "Uyu ni umwaka udasanzwe muri Diyosezi yacu. Imyaka 10 irashize dushoje Sinodi, yari ifite umugambi ko "Ubukristu bugomba kutubyarira ubuvandimwe nyabwo". Imihigo y'abavandimwe, bakristu ngiyo intego. Imvano y'iyo ntego ni amaraso yamenetse muri jenoside yo mu mwaka wa 1994 mu Rwanda.

Byari bikwiye kwicara hamwe tugashaka uko twakongera tukiyubaka, tukava mu mwijima tukagana urumuri.

Nyuma y'imyaka 10 turifuza kurebera hamwe niba iyo ntego twarayigezeho.

Byahereye mu miryangoremezo bigera ku rwego rwa Diyosezi, ibyo twagezeho bikazashyirwa ahagaragara ku munsi mukuru wa Kristu Umwami.

▪ Kubera uyu mwaka, hatanzwe kandi impuhwe zidasanzwe ngo bamwe mu bakristu bireba babohoke. Ingero: - impuhwe ku bakristu bari barataye bakajya mu yandi madini
- impuhwe ku bari barishyingiye
- impuhwe ku bakobwa babyaye umwana umwe
- impuhwe ku bapfakazi babyaye umwana umwe n'abandi...

Bose babohowe ku mutima, bemererwa kongera gusangira igitambo cy'Ukaristiya n'impuhwe z'Imana. Abakristu bakaba basabwe kubibafashamo bababa hafi ngo batongera gutana.

▪ Ikindi kitaweho by'umwihariko ni amatsinda y'abana. Baca umugani ngo izijya gushira zihera mu ruhongore. Uburere bw'abana bugenda burushaho gukendera. Ahenshi mu mashuri isomo ry'Iyobokamana ntirigihabwa umwanya waryo.

Mu ngo zacu naho, gusengera hamwe bigenda bicika buhoro buhoro. Ababyeyi bahugiye muri byinshi ku buryo uburere bw'abana cyane cyane mu bya gikristu butagihabwa umwanya uhagije. Ni ngombwa ko Kiliziya igira icyo ikora kugira ngo irengere urwo rubyiruko. Yaboneyeho yibutsa imiryango ya gikristu gushakira hamwe umwanya wo gusengera hamwe mu ngo; basabira imiryango yabo amahoro. Ingo kandi zigomba gushaka umwanya wo kuganira no gukora gahunda y'umuryango (gahunda y'urugo). Mu rugo hakwiye kubaho kubahana, kujya inama, gusabana imbabazi no kuzihana igihe habaye amakosa.

Yashoje asaba abakristu kubanira neza abasaserdoti babo. Yabasabye by'umwihariko gufasha Padiri mushya kurangiza neza ubutumwa yahawe birinda imitego yamugusha.

Abakristu bemeje ko bamwakiriye neza kandi ko biteguye gukorana nawe neza.

Gusa ntitwabura kugaragaza ko muri iyi myaka 2 ishize batunguwe n'impinduka batari bamenyereye kubera ihinduka ry'abapadiri. Padiri Théodose amaze guhabwa ubutumwa bwo kujya kwiga, ntibyateye kabiri Padiri César wamusimbuye atumwa mu yindi paruwasi naho Soeur Vena wari ukuriye ikigo nderabuzima cya Mukungu ahabwa ubutumwa mu gihugu cy'u Burundi, mu gihe hari ibihuha ko na Padiri Mukuru Yohani Baptista yaba yitegura kugenda kubera ikiruhuko cy'izabukuru !

Izo mpinduka zateye impungenge ariko abakristu bakwiye kubyishimira kuko byagaragaye ko amaraso mashya yagiye azana impinduka nziza muri paruwasi.

Mwibuke uko Padiri Théodose yadutoje isengesho ryo gushengerera n'umwiherero, ubujyanama mu ngo no kwita by'umwihariko ku muco wa gikristu mu mashuri ku buryo yasize buri shuri rya Kiliziya rifite Umutagatifu murinzi.

Muzirikane uko Padiri Cesar yitaye ku bubyutse mu miryangoremezo maze mu gihe gito yahamaze akaba yarashoboye kugenderera imiryangoremezo yose ya paruwasi.

Tukaba twizeye n'utundi dushya Padiri mushya adupfunyikiye.

Mu gusoza, turashimira byimazeyo iyo ntumwa y'Imana (Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo) kuko ubutumwa bwe bwabaye ingirakamaro kuri twese. Nakomeze adusabire ku Mana, ariko kandi atubere n'umuvugizi kugirango ibibazo byugarije Akarere paruwasi irimo bibonerwe umuti.

1. Nkuko yabyiboneye, tubangamiwe cyane n'ikibazo cy'umuhanda mubi ugira ingaruka ku buzima bw'abantu (twavuga nk'ikibazo cy'abarwayi n'ababyeyi bari ku nda bajya babura ubuzima bwabo kubera kubura uko bagera ku bitaro mu gihe gikwiriye. Turamusaba ubuvugizi ku rwego rw'Akarere ka Karongi kugira ngo uriya muhanda utunganywe.

2. Abaturage ba paruwasi Mukungu basigaye inyuma mu rwego rw'ubukungu ugereranyije n'intambwe ikataje igihugu cyacu kigenda gitera. Turamusaba ubuvugizi kugira ngo RIM ishobore kuhakorera, bityo ifashe abaturage kwizigamira no kubona inguzanyo zabafasha kwiteza imbere.

Jérôme GAKWAYA
Paruwasi MUKUNGU

IBIRORI BY'IMPURIRANE MURI PARUWASE YITIRIWE NYINA WA JAMBO YA RUSUSA .

Hari ku cyumweru, tariki ya 03 Nyakanga 2011, aho byari ibirori by'impurirane muri paruwasi yitiriwe Nyina wa Jambo ya Rususa. Ibyo birori byari: umunsi mukuru w'Abalayiki wari aho insanganyamatsiko yagiraga iti : "Dushinge imizi muri Yezu Kristu"(Kol2,7), hari kandi kwakira Abihayimana bavuka muri iyo paruwasi bagize amasezerano yaba aya burundu cyangwa se ay'igihe gito, abo ni Abahire ba Nyina wa Jambo : Rose DUSABIREMA, Alice HABANABAKIZE, Donatille MUKAMUNANA, Apollinarie DUKUZUMUREMYI, Béata NYIRAMPABAGAYA, hari kandi na Soeur Maria Jeanne MUKANDAYISABA wagize amasezerano ya mbere tariki ya 11 Kamena 2011, mu Gihugu cy'u Burundi, akaba ari mu Muryango w'Ababikira biyeguriye Umutima Mutagatifu wa Yezu cyangwa se Abihebeye Mushaha Mweranda wa Yezu mu rurimi rw'ikirundi (les Oblates du Sacré Coeur de Jésus); hari kandi n'amasakaramentu atandukanye yahawe abakristu ba paruwasi ya Rususa babyiteguye neza ni ukuvuga : Batisimu yahawe abantu barenga mirongo itandatu na batatu(63), Ugukomezwa kw'abakristu bagera ku ijana na mirongo irindwi (170), imiryango yasezeranye igera ku ijana na mirongo itanu n'umwe (151); hari kandi kwakira abavandimwe bari baragiye mu baporoso, nyuma yo kubyitegura bakiyemeza kugaruka muri Kiliziya Gatolika. Ikindi tutakwibagirwa ni uko hari abakristu bizihizaga za Yubile zitandukanye babatijwe : abari bamaze imyaka makumyabiri n'itanu babatijwe (25), mirongo itanu (50) ndetse hari n'umukecuru wari umaze imyaka mirongo irindwi n'itanu abatijwe. Aba bose bahawe impano y'urwibutso kandi Padiri Mukuru asaba abandi bakristu kurebera kuri abo, maze koko bakaba indahemuka ku masezerano ya Batisimu baba barahawe, ati ntibikarangirire mu misa y'uwo munsi ahubwo UBUKRISTU ni ubw'igihe cyose ndetse na hose nk'uko Kristu adasaza n'umukristu yakagombye guhora yivugurura akaba mushya igihe cyose.

UKO UMUNSI WAGENZE

Umunsi mukuru wabimburiwe n'igitambo cya Misa cyayobowe na padiri Léonidas NGOMANZIZA, Padiri Mukuru wa Paruwasi Rususa, ari kumwe na Padiri Piyo NZAYISENGA nawe uvuka muri paruwasi ya Rususa akaba akorera ubutumwa bwe muri paruwasi Stella Maris ya Gisenyi ndetse na Padiri Flaviyani DUSHIMIMANA wakoreraga ubutumwa muri paruwasi Muhororo ariko ubu akaba yarahinduriwe ubutumwa akazabukorera muri paruwasi Rambura. Inzogera, ingoma zitangiye kuvuga hakurikiyeho umutambagiro muremure ugizwe n'abahereza, abakora Yubile, abakuru ba za santarali uko ari eshanu, Korali ya Mutagatifu Tomasi wa Akwini ndetse na Korali ya Nyina wa Jambo, nyuma hagataho abasaserdoti.

Mu nyigisho nziza Padiri Mukuru yatanze, yahereye ku ijambo ry'Imana ryari riteganyirijwe icyumweru cya cumi na bine gisanzwe(14), maze abihuza n'ubutumwa Abepiskopi bacu bageneye umunsi w'Abalayiki avuga cyane ko mu ngo ababyeyi dufite inshingano zikomeye, mu miryango ariho uburere bw'ibanze butangirwa kuko nk'abalayiki tugomba kurera neza abana bacu dore ko aribo bazavamo abayobozi b'Igihugu cyacu ndetse na Kiliziya, niba rero badatojwe umuco wa gikristu kare ababyeyi nitwe tuzabibazwa; ati ibyo byose bizagerwaho ubwumvikane buganje abana babona ababyeyi babana neza nta kwiyerurutsa kandi nta kujijisha ngo usange umugabo cyangwa se umugore afite indimi ebyiri icyo yavuze ari mu rugo ntabe aricyo avuga ageze hanze cyangwa ngo abe yagisubiramo; padiri ati ni byo koko tugomba gushinga imizi muri Kristu kuko twemera ko igihe wemeye nta gahato kumubera intumwa hose ndetse no muri bose, byaba se bimaze iki niba uvuga ko uri umukristu ariko ibikorwa byawe bikaba bigucira urubanza kuko bitajyanye n'ibyo uwa Kristu yakagombye gukora? Emerera Yezu akwigarurire bizatuma utagira ubwoba bwo kumubera umuhamya kandi ubutumwa bwawe nk'umulayiki uzaba ubosohoje uko abikwifuzaho kandi arongera akakubwira ati: *"Nzabaha umutima mushya, mbashyiremo n'umwuka mushya. Mu mubiri wanyu, nzakuramo umutima w'ibuye, nshyiremo umutima wumva"(Ez36,26).*

UMWANZURO

Muri iyi nyandiko twavugaga ibijyanye n'ibirori by'impurirane muri paruwasi yitiriwe Nyina wa Jambo ya Rususa kandi twavuze ko harimo n'umunsi w'Abalayiki, none rero nituzirikane ko iyi nyandiko itagenewe abakristu b'i Rususa gusa, ahubwo ni umwanya mwiza wo kongera kuzirikana nk'abakristu umwanya n'uruhare rwacu muri Kiliziya ku isi hose cyane mu Gihugu cyacu, by'umwihariko ariko by'akarusho muri Diyosezi yacu, paruwasi yacu, santarali yacu, inama yacu, Umuryangoremezo wacu, mu rugo iwanjye se ho bite? Ko tuzi ko Imana dusenga ari Umubyeyi nitwibaze tuti duhura nayo kangahe? Twaba se duhurira he? Duhurira mu Kiliziya se cyangwa ahandi… ? Abana Imana yampaye ni ubuhe burere mbaha, mbatoza gutunganira Imana gute, mbibonera se akanya cyangwa nabaye terera iyo nibera muri shuguri z'amafaranga. Imyaka icumi ishize dushoje Sinodi, nikubere akanya ko kwisuzuma. Uwo uriwe wese n'icyo waba uri gukora cyose. Isunge Bikira Mariya Umubyeyi w'Abakene aragutakambira ku Mwana we, dore ko we azi ibyo dukeneye na mbere y'uko tubimusaba. Duharanire kugira amatwara ahuje n'aya Kristu Yezu ubwe (reba Ef2,2).

Fratri Faustin HABIMANA
Paroisse RUSUSA

UMUVUGO

REKA DUSINGIZE IYADUHANZE

Reka dusingize Iyaduhanze yo
Yaturemesheje amaboko Yayo
Ikaduhumekeramo umwuka
Muziranenge wayo ku buntu.

Reka dusingize Iyaduhanze yo
Yaduhaye ubuhanga n'ubumenyi
Ikaduha ibihe n'amategeko
Ikaduha ingabire y'ubushishozi.

Reka dusingize Iyaduhanze yo
Yaduhaye n'Umwana wayo w'ikinege
Yezu Kristu akatubera igitambo nyabuzima
Umusaseridoti Mukuru iteka.

Reka dusingize Iyaduhanze yo
Yageneye paruwasi yacu ya Kibuye
Uyu munsi utazibagirana mu mateka yayo
Igihe gishize ni kinini twigunze.

Reka dusingize Iyaduhanze yo
Yitegereje igasanga tudakwiye
Kwitwa ingumba kandi yaraduhaye
Imbuto zirumbuka nk'abandi babyeyi.

Reka dusingize Iyaduhanze yo
Yaduhaye kuvuza impundu ikaba
Yatweretse Ibice by'ubusaserdoti
By'umwihariko tukavukisha
Padiri J.Paul HAGUMINEZA.

Reka dusingize Iyaduhanze yo
Yaduhaye izi ntore zatorejwe
Mu ruhongore rwa Nyagasani zizihiwe
No gushengerera Uwaduhanze.

Ngizo zirangajwe imbere n'isura yasizwe
Na Nyagasani ikaba yasigiririjwe
N'Umwepisikopi wacu ayisiga amavuta
Y'ubutorwe uwo ni Padiri J.Paul
HAGUMINEZA.

Iyo sura ntizasigwe ikizinga
Izahore yizihiye Nyagasani
Izahore ishengerera uruhanga
Rw'Uwaduhanze ubuziraherezo.

Padiri J.Paul HAGUMINEZA
Reka dusingize Iyaguhanze yo yagutoye
Ikagusiga amavuta y'ubutorwe ukiri mu
Nda y'umubyeyi wawe ntiwange.

Reka tuyisingize yo yaguhaye
Amatwi yumva yaguhamagara
Ukumva uti karame ndaje Nyagasani
Nkore ugushaka kwawe iteka.

Reka tuyisingize yo yaguhaye
Guhitamo neza ukemera guhara
Byose ukamenya ahari ubukungu buruta
Ubundi kwibanira n'Iyaguhanze.

Reka tuyisingize yo yagukomeje
Mu ntege nke za muntu ikaba ikugejeje
Kuri uyu munsi utazibagirana wemeye
Kuyiyegurira wese ntaho uyikinze.

Reka tuyisingize yo yatoye abasaserdoti
Ba mbere bakaba barakuboneye izuba
Ukaba ugiye kubigiraho ingendo uragere
Ikirenge mu cyabo mu nzira y'ukwemera.

Mu ntama uzaragizwa uzirinde
Kugira izimira ahubwo uzahaguruke
Bwangu kuyishakashaka kugeza uyibonye
Urashishoze ntihazagire ikiguca intege.

Padiri J.Paul HAGUMINEZA
Nyagasani agutoye ubikwiye uri
Umusore w'intarumikwa w'ibigango
Uzakorera Kiliziya utijana nziko
Wabyiyemeje.

Padiri J.Paul HAGUMINEZA udukijije
Ikimwaro
Cyo kwitwa ingumba utwicaje ku ntebe
Y'ababyeyi
Dore ko imyaka 50 yari ishize twigunze
Twibaza niba Nyagasani yaratwibagiwe.

Ntitwabura gushima iyahanze
Muntu yo yahaye imbuto y'umugisha

Ababyeyi bakubyaye ntibazimye
Ikibatsi cya Roho Mutagatifu wagutoye.

Ntitwabura gushimira iyaduhanze yo
Yitoreye intore yifitemo ubukungu
Butagereranwa
Murashishoze mudapfusha ubusa itarenta
Muherewe ubuntu ni muyibyaze
Umusaruro mwiza.

Padiri J.Paul HAGUMINEZA usizwe
Amavuta y'ubutorwe ugiye gutagatifuza
Imbaga ya Nyagasani
Urayirinde umwuma uyiragire mu rwuri
Rutoshye uyishore ku iriba ry'amazi
Afutse.

Uracyari muto ariko utowe ubikwiye
Ugiye kuba mukuru muri bose
Ugiye kuba ubushyinguro bw'ibanga
Rikomeye ry'Imana mu ntebe ya
Penetensiya.

Ibyo biganza bisizwe amavuta u
uzabiramburira ku mbaga ya Nyagasani
Ukize benshi indwara za roho
Ndetse n'iz'umubiri bitewe n'ukwemera
Kwabo maze basingize Nyagasani uko
Bikwiye.

Padiri J.Paul HAGUMINEZA ibyo
Ntuzabyishoboza

Urabe hafi Umubyeyi Bikira Mariya
Witwaze akabando ke
Kagoboka benshi mu mahina iyo ni
Ishapure nkubwira
Ni Umubyeyi udukunda twese atibagiwe
Kiliziya ya Nyagasani.

Reka dushimire Nyagasani yo yaduhaye
Kiliziya ikayiha abayobozi bayibereye
Umwepisikopi wacu Alexis
HABIYAMBERE n'Abasaserdoti
Bamukikije n'abihaye Imana
Murabareba nimubampere amashyi
N'impundu.

Murakoze yari umusizi usiga asiganuje
Nyagasani
Nsigiye neje haracyari ibyiza bya
Nyagasani.

MUKARUSENGO Jeannette
Paruwasi KIBUYE

UDUKURU TWO HIRYA NO HINO

NYAKANGA 2011

Tariki ya 1-2/7/2011 : Ku itariki ya mbere n'iya kabiri z'uku kwezi, Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yari i Kigali mu nama idasanzwe y'Abepiskopi, bukeye ajya mu nama ireba igena migambi rya Kiliziya Gatolika mu byerekeye guteza imbere ikiremwa muntu (Plan stratégique de l'Eglise Catholique en matière de développement humain).
Tariki ya 12/7/2011 : Ishyirahamwe ryitwa Ingobyi ryasinyanye amasezerano y'ubufatanyabikorwa (Partenariat) na Diyosezi ya Nyundo. Ingobyi ni ishyirahamwe ry'abantu bo mu Bubiligi b'inshuti za Diyosezi ya Nyundo. Bagenderera u Rwanda, barebye ingobyi ya kinyarwanda ihetse umurwayi bibatera gutekereza. Abahetse uko ari bane, buri muntu ni ngombwa. Umwe arekuye akitaza, uhetswe bamukubita hasi. Gushyira hamwe kwabo bituma umurimo biyemeje ugira agaciro. Nabo biyemeje gushyira hamwe buri muntu yumva ko ari ngombwa, kugira ngo bazashobore kujya bagoboka cyane cyane amavuriro ya Diyosezi.
Tariki ya 15/7/2011: Padiri Etienne IZIMENYERA yagiriye impanuka y'ipikipiki hafi y'i Rambura, amagufa yombi y'umurundi acikamo kabiri, biba ngombwa ko ajyanwa mu bitaro byitiriwe Umwami Fayçal. Baramubaze bashyiramo ibyuma, ubu agiye kworoherwa.
Tariki ya 16/7/2011: Ku Nyundo habereye umunsi uhimbaje; Abadiyakoni 6 barimo batatu bavuka muri paruwasi ya Nyundo bahawe Ubusaserdoti, abafaratiri bane bahabwa Ubudiyakoni.
Tariki ya 20/7/2011: Ababikira b'Izuka rya Yezu bo mu Rwanda bahawe kwigenga. Ubundi bari mu cyo bita Prieuré ya Bukavu-Mirhi, none ubu bafite Prieuré yabo ya Masaka –Kigali.
Tariki ya 21/7/2011: Inama y'Abepiskopi yateraniye i Kigali babonana na Ministri w'Uburezi, baganira ku bibazo by'uburezi biri mu Rwanda.
Tariki ya 23/7/2011: Ku Kibuye hatangiwe Ubupadiri n'Ubudiyakoni, ndetse n'Abafaratiri ba Diyosezi ya Nyundo biga Tewolojiya mu Nyakibanda bahaherwa imirimo ya gitumwa ibategurira kuzaba Abasaserdoti.

KANAMA 2011

Tariki ya 6/8/2011: I Murunda naho, Piyo Kwitonda na J.M.V.Hodali bahawe Ubupadiri.
Tariki ya 11/8/2011: Ministri w'Ubuzima yasuye ibitaro bya Murunda.
Tariki ya 12/8/2011: Musenyeri yabonanye n'abifuza kujya mu i Seminari nkuru i Rutongo. 14 muri bo bemerewe kuzatangira.
Tariki ya 15/8/2011: Kubera umwaka wa cumi nyuma y'isozwa rya Sinodi, abakristu benshi bitabiriye urugendo rutagatifu rw'i Congo-Nil, aho Umushumba wa Diyosezi yaturiye igitambo cy'Ukaristiya ashimira Imana, yisunze Bikira Mariya Umubyeyi w'Abakene. Yashimiraga ibyiza byinshi Diyosezi yagiriwe muri uyu mwaka, birimo abapadiri bashya 9 bari bamukikije, n'abadiyakoni 4. Yibuka n'abantu benshi bagarukiye Imana muri uyu mwaka, n'abandi biyunguye ubusabaniramana bazirikana ku isano yabo n'Imana n'ubuvandimwe bayikomoraho.

Tariki ya 24/8/2011: Musenyeri Alexis Habiyambere yari mu nama ya CORAR. Bigiyemo uko CORAR yagirana ubufatanye n'ishyirahamwe ryo muri Kenya.

NZERI 2011

Tariki ya 31/8-01/9/2011: Abashinzwe umutungo muri Diyosezi zose bayobowe na Musenyeri Alexis Habiyambere ushinzwe urwo rwego mu nama y'Abepiskopi, bahuriye i Kigali basuzuma imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka urangiye, banagena ingengo y'imari y'umwaka utaha mu maseminari makuru uko ari atatu (Rutongo-Kabgayi na Nyakibanda).
Tariki ya 3/9/2011: Musenyeri yifatanyije n'abatuye iseminari nto ya Nyundo kwizihiza umunsi mukuru wa Mutagatifu Piyo wa X, waragijwe iyo Seminari.
Tariki ya 06/9/2011: Abepiskopi bagiriye inama yabo isanzwe i Kigali.
Tariki ya 15/9/2011 : Abagize inama ya Diyosezi ishinzwe umutungo bagize inama yo gusuzuma ikibazo cy'ikigo nderabuzima cya Nyundo.
Tariki ya 18/9/2011: Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yagiye mu munsi mukuru wo gutangiza ku mugaragaro urugo rukuru (Prieuré) rw'umuryango w'Ababikira b'Izuka rya Yezu. Mu gitambo cya Misa cy'uwo munsi, habayemo n'amasezerano ya burundu, na Yubile y'imyaka 25 y'Ukwiyegurira Imana.
Tariki ya 22/9/2011: Umuryango CRS w'abagatolika bo muri Amerika ushinzwe gufasha, wizihirije i Karongi imyaka 50 umaze uri mu Rwanda, by'umwihariko no muri Diyosezi ya Nyundo.
Tariki ya 29/9/2011: Nk'uko bisanzwe, abafaratiri bose ba Diyosezi ya Nyundo, iyo barangije ibiruhuko, bahurira mu nama ku Nyundo. Muri iyo nama habamo n'umwanya wo kuganira n'Umwepiskopi akabibutsa ibyo Kiliziya ibatezeho nabo bakamubaza ibyo bifuza kumubaza byose.

UKWAKIRA 2011

Tariki ya 01/10/2011: Ubusanzwe abanyeshuli bahabwa Isakaramentu ry'Ugukomezwa bakiri mu mashuli abanza. Nyamara hari abagira impamvu bagacikanwa n'igihe cyateganijwe. Kuri iyi tariki ya 1.10.2011, abanyeshuli bo mu i Seminari nto, Urwunge rw'amashuli rwitiriwe Bikira Mariya Umwamikazi w'Afurika na Ecole d'Arts batari baraherewe iryo Sakaramentu igihe, bakomerejwe muri Katedrali ya Nyundo.
Tariki ya 02/10/2011: Imbere y'imbaga y'abakristu benshi bizihiwe, Umwepiskopi yatangije ku mugaragaro Paruwasi nshya ya Kabaya. Mu misa yo gutangiza iyo Paruwasi, hanatangiwe Isakaramentu ry'Ugukomezwa. Paruwasi nshya ya Kabaya yaragijwe Bikira Mariya Umubikira utasamanywe icyaha.
Tariki ya 04/10/2011 : Myr J.M.V.Nsengumuremyi Igisonga cy'Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, yuriye indege ajya mu Butaliyani kugira ngo asure abapadiri ba Nyundo babayo kandi asengere ahari igicumbi cy'inkingi za Kiliziya Intumwa Petero na Pawulo, n'Abahowe Imana ba mbere.
Tariki ya 07/10/2011 : Abahire ba Nyina wa Jambo bane bagiriye amasezerano yabo ya mbere imbere y'Umwepiskopi n'Umukuru w'Umuryango wabo n'abavandimwe bandi bagize uwo muryango, mu gitambo cya Misa cyabereye muri Chapelle ya Seminari nto yo ku Nyundo.
Tariki ya 07/10/2011: Kuri iyi tariki , Ikigo nderabuzima cya Musango muri paruwasi ya Mukungu cyizihije Yubile y'imyaka 25 kimaze gishinzwe. Padiri Tadeyo

Musabyimana Umukuru wa Caritas muri Kibuye, niwe wahagarariye Umwepiskopi muri ibyo birori.
Tariki ya 12-13/10/2011: Abasaserdoti bose ba Diyosezi ya Nyundo bagize inama yibanze ku isozwa ry'umwaka wa cumi nyuma y'isozwa rya Sinodi idasanzwe ya Diyosezi. Barebeye hamwe imigambi abakristu bafashe, bishimira ko hari benshi bagarukiye Imana, biga n'uko bazakomeza kubashyigikira. Nabo ubwabo bihaye imigambi ikwiriye abasaserdoti mu bihe tugezemo, banafatira hamwe gahunda y'uko bazizihiriza muri paruwasi zose, umunsi wa Kristu Umwami uzaba usoza ibyakozwe byose byo kwivugurura muri uyu mwaka wa cumi, nyuma y'isozwa rya Sinodi idasanzwe.
Tariki ya 15/10/2011: Muri Katedrali ya Nyundo hateraniye abana baturutse muri Santarali zose za paruwasi bahurira mu byo twita amatsinda y'abana mu muryangoremezo. Bari barenze 2500. Umwepiskopi niwe wayoboye igitambo cy'Ukaristiya cy'uwo munsi abashishikariza kujya mbere mu rukundo rw'Imana no gukura bunze ubumwe; bakundana, birinda ibibarangaza, biyungura ubwenge n'umutima.
Tariki ya 16/10/2011: Musenyeri Alexis Habiyambere yasuye gereza ya Nyakiriba (aho muri Nyakiriba niho himuriwe gereza yahoze ku Gisenyi), ahaturira n'igitambo cya Misa, abagororwa 16 bahabwa Isakaramentu ry'Ugukomezwa.
Tariki ya 26/10/2011: Umwepiskopi yari mu nama idasanzwe y'ihuriro ryabo. Yaboneyeho n'umwanya wo kwakira Umuyobozi mushya wa Institut Saint Boniface. Hari abo muri uwo muryango bafite urugo mu Mbugangari ho muri paruwasi ya Muhato.
Tariki ya 30/10/2011: Paruwasi ya Kibuye yizihije Yubile y'imyaka 50 imaze ishinzwe. Iyo Yubile bayibayemo umwaka wose bayitegura ku mutima no mu bikorwa binyuranye. Misa yayobowe n'Umwepiskopi yashoje ibyo byose iherekezwa n'ibirori byiza bibereye paruwasi imaze iyo myaka. Tubifurije kujya mbere.

UGUSHYINGO 2011

Tariki ya 05/11/2011 : Musenyeri Alexis Habiyambere yatanze Isakaramentu ry'Ugukomezwa muri Katedrali ya Nyundo.
Tariki ya 08-10/11/2011 : Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda n'u Burundi bahuriye i Ngozi ho mu Burundi.
Tariki ya 15-19/11/2011 : Musenyeri yagiye gukomeza muri paruwasi ya Mukungu, Gisovu, Kibingo, Mubuga na Mushubati.
Tariki ya 20/11/2011 : Umunsi wa Kristu Umwami, nk'uko byari byarateguwe wabaye uwo gusoza umwaka wa cumi nyuma y'isozwa rya Sinodi idasanzwe. Muri paruwasi zose bari bawiteguye bakora Noveni, k'uwo munsi mu misa zasomewe kuri paruwasi no muri za santarali basomye ibaruwa y'Umwepiskopi, ahenshi nyuma ya misa abakristu bahurira mu busabane ahari habiteganyirijwe.
Tariki ya 26/11/2011 : Ababikira ba Bikira Mariya Mutagatifu bo ku Kibuye bizihije Yubile y'imyaka 50 bamaze bageze mu Rwanda, bamwe muri bo bagira n'amasezerano yo kwiyegurira Imana.

UKUBOZA 2011

Tariki ya 03/12/2011 : Mu Nyakibanda habereye Yubile y'imyaka 75 iryo rerero ry'Abasaserdoti rimaze ritangijwe muri icyo kibaya. Hari abasaserdoti barenga 500

n’imbaga y’abahize batabaye abapadiri bose bashimira Imana, kandi bishimira uburere bufite ireme bahaherewe.

Tariki ya 10/12/2011 : Diyosezi ya Nyundo yungutse urugo rushya rw’abiyeguriyimana. Abo ni Ababikira b’Umutima Mutagatifu wa Yezu n’uwa Bikira Mariya, batangije urugo rwabo rushya muri paruwasi ya Mushubati**.**

Tariki ya 11/12/2011 : Abakobwa bita Abafashabutumwa (Auxiliaires de l’Apostolat) bagira amasezerano yo kwiyegurira Imana umuntu ku giti cye, ntibabe mu bigo nk’abandi biyeguriyimana, ahubwo buri muntu aho ari, agaharanira kuba intumwa ya Kristu. Ku iyi tariki bamwe muri bo bitabye uwo muhamagaro wabo imbere y’Umwepiskopi.

Tariki ya 12-14/12/2011 : Muri aya matariki, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yari i Kigali hamwe n’abandi Bepiskopi mu nama yabo isanzwe.

Tariki ya 15/12/2011 : Frère Léodomir wo mu Bafureri b’inyigisho za gikirisitu (F.I.C) yitabye Imana, ari mu bitaro by’Umwami Faiçal i Kigali. Ni umwe mu banyarwanda ba mbere binjiye muri uwo muryango kandi washimwaga cyane kubera umutima mwiza n’ubwitange bwamuranze aho yanyuze hose. Misa yo kumuherekeza yayobowe n’Umwepiskopi wa Nyundo ku wa 16/12, ashyingurwa muri Muhira, ahari Postulat y’umuryango wabo.

Tariki ya 18/12/2011 : Ministri w’Intebe yasuye Ikigo kirera imfubyi cyo ku Nyundo. Yarebeye hamwe n’Ubuyobozi bwa Diyosezi ya Nyundo ibibazo n’icyerekezo gishya cy’urwo rugo rufite abana barenga 500. Nawe ubwe yemeye gufata umwana azajya kurera kuko bose basanga abanyarwanda bakwiye kumva ko bidakwiye gutererana imfubyi: umwana akwiye gukurira mu muryango.

Tariki ya 25/12/2011 : Muri paruwasi zose nk’uko bisanzwe kuri Noheli, Kiliziya zabaye nto, abantu barasaguka kandi bakeye, dore ko bari baraniteguye bashaka Isakaramentu ry’imbabazi ari benshi mu minsi y’Adventi. Ku Nyundo Umwepiskopi yayoboye Misa ya gatatu ashimira abakristu, n’abatari basanzwe baza abasaba kutazasubira inyuma.

Tariki ya 27/12/2011 : Abana barenga 200 baherekejwe na Padiri Mukuru wa paruwasi ya Rususa n’aba Directeurs b’amashuri baje mu ma taxi 12 gusura Nyundo. Basengeye muri Katedrali kandi bavugana n’Umwepiskopi. Bahavuye bagiye gusura ikigo cy’imfubyi, baha abana baharererwa amaturo baje babageneye.

Tariki ya 1/1/2012 : Musenyeri yatuye igitambo cya misa y’intangiriro y’umwaka muri Katedrali ya Nyundo. Yibukije ibyiza byinshi dushimira Imana mu mwaka dushoje wa 2011, aragiza Imana twisunze Umubyeyi Bikira Mariya umwaka mushya, ngo uzabere bose uw’amahoro, ubusabaniramana , no kujya mbere kuri roho no ku mubiri.

Aha niho dusoreje udukuru twacu, twongera kubifuriza umwaka w’amahoro, n’ibyishimo dukesha Umucunguzi wacu.

Françoise Bamurange